

REPUBLIKA Y'U RWANDA



INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA BURERA
INAMA NJYANAMA.



Burera, Kuwa 02/02/2023

No 080/02:24.07.02

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru **MUSANZE.**

Impamvu: Kohereza imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere
ka Burera yateranye Kuwa 22/02/2023

Madamu,

Nejewe no kubandikira iyi baruwa, ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 22/02/2023

Mugire amahoro.

Dr. NYIRAMANA Christine

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera.

BIMENYESHEJWE:

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI.**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka **BURERA**
- Bwana Umuyobozi wungirije w'Akarere ka **BURERA(Bombi)**
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka **BURERA**

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA YO 22 GASHYANTARE 2023

Kuwa gatatu tariki ya 22 Gashyantare 2023, Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye mu nama idasanzwe, ikaba yarateraniye mu cyumba mberabyombi cy'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera Madamu Dr. NYIRAMANA Christine. Inama yitabiriwe n'abajyanama 17 kuri 17 bagize Inama Njyanama y'Akarere.

I. ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA :

- | | |
|------------------------------|--------------------------------|
| 1. Dr. NYIRAMANA Christine | 10. MWANANGU Théophile |
| 2. UWAMWIZA Cathérine | 11. NDINAYO Gilbert |
| 3. MUSABYIMANA Emmanuel | 12. NIWEWANJYE Yvette |
| 4. BUNANE Théoneste | 13. NSHIMYIMANA Jean Baptiste |
| 5. MUJAWAMARIYA Marguerite | 14. NTABARESHYA Jean Baptiste |
| 6. MUKANDAYISENGA Delphine | 15. UWAMBAYE Marie Michelle |
| 7. MUKARUTWAZA Alphonsine | 16. UWANYIRIGIRA Marie Chantal |
| 8. MUKESHIMANA Olive | 17. UWITONZE Costasie |
| 9. MUNYEMBARAGA Jean de Dieu | |

II. ABANDI BITABIYE INAMA

- | | |
|---------------------------|-------------------------|
| 1. IBINGIRA Frank | 3. NZAMUKWEREKA Manassé |
| 2. SEBARWANYI Boneventure | 4. NIZEYIMANA Théogène |



III. INGINGO ZASUZUMWE :

1. Gusuzuma no kwemeza Ingingo y'imari ivuguruye y'Umwaka w'ingingo y'imari wa 2022/2023;
2. Gusuzuma no kwemeza Amabwiriza y'isuku n'isukura avuguruye mu Karere ka Burera;
3. Gusuzuma no kwemeza ibihano ku kutubahiriza Ibyemezo byashyizweho n'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera

IV. UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE

INGINGO ZASUZUMWE	IMYANZURO
1. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Umwaka w'ingingo y'imari wa 2022/2023;	<p><u>Umwanzuro wa mbere:</u> Nyuma yo gusuzuma ku buryo burambuye Umushinga w'ingingo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Burera 2022-2023 ingana na miliyari mirongo itatu n'eshatu, miliyoni Magana abiri na mirongo ine n'eshatu, ibihumbi Magana abiri na mirongo ine na bitanu n'amafaranga Magana icyenda na cumi n'ane (33,243,245,914 Frw), ivuye kuri miliyari makumyabiri n'umunani, miliyoni Magana atatu na mirongo icyenda na zirindwi, ibihumbi Magana atandatu na mirongo irindwi na birindwi n'amafaranga mirongo itandatu n'ane (28,397,677,064 Frw), abari mu nama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Burera bayemeje, ariko basaba ko yazakoreshwa neza mu byo yateganirijwe;</p> <p><u>Umwanzuro wa kabiri:</u> Nyuma yo gusuzuma ku buryo burambuye ibipimo by'imisoro n'amahoro bivuguruye mu karere ka Burera, umwaka wa 2022-2023, ku bwumvikane busesuye abari mu nama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Burera babyemeje, ariko basaba ko byagezwa vuba ku basora;</p> <p><u>Umwanzuro wa gatatu:</u> Nyuma yo gusuzuma gahunda y'itangwa ry'amasoko rivuguruye (Revised Procurement plan) mu karere ka Burera, umwaka w'ingingo y'imari 2022-2023, nkuko rigaragara ku mugereka, ku bwumvikane busesuye abari mu nama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Burera bayemeje, ariko basaba ko mu itangwa ry'amasoko amategeko agenga amasoko ya Leta yajya yubahirizwa;</p>



<p>2.Gusuzuma no kwemeza Amabwiriza y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera arebana n'Isuku;</p>	<p>Umwanzuro wa kane: Nyuma yo kugezwaho na Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera ku buryo burambuye amabwiriza y'isuku,,ku bwumvikane busesuye abagize inama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Burera bayemeje;</p> <p>Umwanzuro wa Gatanu: Abari mu nama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Burera,bemeje ibihano ku batubahiriza amabwiriza y'isuku biri ku mugereka w'iyi myanzuro bamaze kubikorera ubugororangingo,basaba Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera kubimenyesha Abaturage bose no kubakangurira kubyubahiriza;</p>
<p>3.Gusuzuma no kwemeza ibihano ku kutubahiriza Ibyemezo byashyizweho n'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera</p>	<p>Umwanzuro wa gatandatu: Nyuma yo kugezwaho ku buryo burambuye na Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera.ibihano byahabwa abatubahiriza Ibyemezo biba byafashwe n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera,ku bwumvikane busesuye abari mu nama idasanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Burera babyemeje;</p> <p>Umwanzuro wa Karindwi: Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kumenyekanisha ibihano bijyanye no kutubahiriza Ibyemezo biba byafashwe n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera biri ku mugereka w'iyi myanzuro no kubakangurira kubyubahiriza.</p>

Inama yatangiye imirimo yayo saa munani z'amanywa (14:00), isoza saa kumi n'ebyiri (18:00)z'umugoroba.

Umwanditsi w'inama




MUSABYIMANA Emmanuel

Umuyobozi w'inama



Dr.NYIRAMANA Christine



URUTONDE RW'ABITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA KUWA 22/02/2023.

NO	AMAZINA	UMURENGE	ICYO ASHINZWE	TELEFONI	UMUKONO
1	UWITONZE Costasie	Cyera	Councillor	0784642888	
2	Umuwiyaga M. Michelle	KAGAGA	Councillor	0783435123	
3	NTABAZESHYA Japheth	KINONI	Councillor	0788839393	
4	NSHIMSIMANA J. Baptiste	RUSARABURSE	Umuwiyaga ED	0782646567	
5	NDINAYO GILBERT	RWERERE	Councillor	0782378414	
6	MWANANBU Theophile	Rusarabuye	Councillor	0788603240	
7	MUNYENBARAGA Jean de Dieu	CYANIKA	Councillor	0788806131	
8	MUJAWAKARIYA Marguerite	KINONI	Councillor	0788877517	
9	MURSHIMUNA Olive	GAHURUHA	Councillor	0783581253	
10	MUKARUTWAZA Alphonsine	Rusarabuye	Councillor	0783170690	
11	MUKANDA YISENGA Delyphine	Buhoro	Councillor	0788884220	
12	BUNANE Theresite	Rugenzabali	Councillor	0789873832	
13	Uwamwiza Catherine	Buhoro	Councillor	0783275910	
14	Nyamamano Christine	Kinoni	Councillor	078882633	
15	MURSHIMANA Emmanuel	CYANIKA	Secretary District Council	0788216191	
16	BYIZA NGENZA Jean Michel	BURERA	Revenue Accountant	0781942099	

REPUBLIKA Y'U RWANDA



INTARA Y'AMAJYARUGURU

BURERA DISTRICT

AMABWIRIZA YO KUWA ~~22~~²⁹/~~02~~⁰²/~~2023~~²⁰²³ Y'INAMA NJYANAMA
Y'AKARERE KA BURERA AREBANA N'ISUKU

Contents

AMABWIRIZA YO KUWA .../.../... Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA AREBANA N'ISUKU	1
ISOBANURAMPAMVU:.....	13
Interuro ya 1: Imyanda ikomeye	13
Ingingo ya 1: Imyanda ikomeye.....	13
Ingingo ya 2 : Imodoka zitwara imyanda ikomeye zigomba kuba zipfundikiye kandi zipakurura	14
Ingingo ya 3: Imyanda ikomoka mu nganda n'iva mu mavuliro itunganirizwa muri ibyo bigo kandi imenwa ahabugenewe.....	14
Ingingo ya 4: Uruhushya rwo gutwara imyanda rutangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere.....	14
Interuro ya 2: Amazi yanduye.....	14
Ingingo ya 5: Amazi yanduye	14
Ingingo ya 6: Inganda ziyungurura amazi.....	14
Interuro ya 3: Ubwiherero.....	14
Ingingo ya 7: Kwituma no kwihagarika.....	14
Ingingo ya 8: Ubwiherero rusange	15
Interuro ya 4: Amabwiriza y'isuku muri resitora.....	15
Ingingo ya 9: Inzu ikorerwamo ubucuruzi bwa resitora	15
Ingingo ya 10: Resitora igomba kugira.....	15
Ingingo ya 11: Resitora igomba	16
Ingingo ya 12: Abakozi bakora muri resitora.....	16
1. Bagomba kugira isuku ku mubiri igihe cyose kandi batarwaye indwara zandura (ubuheri, igituntu n'izindi;.....)	16
2. Gusuzumwa indwara zanduza mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane (inshuro 3 mu mwaka) ...	16
3. Kugira umwenda w'akazi, ingofero cyangwa igitambaro bibaranga kandi bakagenerwa aho babika imyenda n'ibindi bintu byabo bwite; bagomba kwambara amataburiya y'amaboko maremare ariko nanone ntageze ku biganza kuburyo adakora mu biribwa	16
4. Guhorana isuku hose (guca inzara, kutazisiga vernis, ...).	16
5. Kwambara inkweto zabugenewe	16

Ingingo ya 13: Resitora igomba kugira igitebo	16
Ingingo ya 14: Ushaka gukora ubucuruzi bwa resitora	16
Interuro ya 5: Amabwiriza y'isuku mu macumbi	16
Ingingo ya 15: icyumba cyo kuraramo	16
Ingingo ya 16: Amacumbi	17
Ingingo ya 17: Inzu y'icumbi	17
Interuro ya 6: Amabwiriza y'isuku mu bunywero	17
Ingingo ya 18: Kugirango ubucuruzi bw'akabari bubeho.....	17
Ingingo ya 19: Inzu ikorerwamo nk'ubunywero	17
Ingingo ya 20: Inzu y'Ubunywero igomba kugira ibyumba bya ngombwa bikurikira:	17
Aho kubika inzoga n'ibindi binyobwa.....	18
Ubwiherero bw'abagabo, ubw'abagore ndetse n'ubw'abafite ubumuga n'aho gukarabira hitaruye aho banywera.....	18
Aho gusukurira ibikoresho bikoreshwa mu kabari hafite isuku ihagije.....	18
Ingingo ya 21: Kubacuruza urwagwa	18
Ingingo ya 22: Ibigomba kuranga abakozi.....	18
Ingingo ya 23: ibyo icyokezo kigomba kugira.....	18
Interuro ya 7: Amabwiriza y'isuku aho bakorera imigati.....	18
Ingingo ya 24: Kugirango ubucuruzi bw'aho bakorera imigati bwemerwe,.....	18
Ingingo ya 25: Inzu ikorerwamo imigati	18
Ingingo ya 26: Iyo nzu igomba kandi kuzuza ibi bikurikira:	18
Ingingo ya 27: Kuba ifite ibyumba bikurikira:.....	19
Ingingo ya 28: Abakozi bagomba:	19
Ingingo ya 29: Kuba hari igitebo cy'imyanda gipfundikirwa kandi kikagirirwa isuku.....	19
Ingingo ya 30: Kuba hari ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore kandi bukarangwa n'isuku.....	19
Interuro ya 8: Amabwiriza y'isuku ku kinamba.....	20
Ingingo ya 31: Kugirango ikinamba gikore hagomba ibi bikurikira:	20

Ingingo ya 32: Abakozi bagomba kuba bafite ibi bikurikira:	20
Interuro ya 9: Amabwiriza y'isuku mu igaraji	20
Ingingo ya 33: Igaraji rigomba kuba rifite ibi bikurikira:	20
Ingingo ya 34: Abakozi bagomba kuba bafite ibi bikurikira:	21
Interuro ya 10: Amabwiriza y'isuku mu nganda	21
Ingingo ya 36: Uruganda	21
Uruganda rukorera mu nzu ifite nibura ubuso buhagije, yubatswe n'ibikoresho biramba, ifite amadirishya ahagije kandi hasi hakoteye byibura na sima.	21
Ingingo ya 37: Uruganda nanone	21
Ingingo ya 38 : Uruganda rugomba kugira ibi bikurikira:	21
Ingingo ya 39: Abakozi	22
Abakozi bagomba kugira imyambaro y'akazi n'ibikingirizo ku ntoka, mu mutwe, mu maso, ku maguru, mu matwi bigendanye n'akazi bakora.	22
Ingingo ya 40: Abakozi bagomba gupimwa	22
Interuro ya 11: Amabwiriza y'isuku mu isoko	22
Ingingo ya 41: isoko	22
Ingingo ya 42: Uko isoko rigomba kuba zimeze	22
Ingingo ya 43: Ibicuruzwa	22
Ingingo ya 44: Aho gucururiza	23
Aho gucururiza inyama n'amafi hagomba kuba hatabangamiye ubuzima bw'abandi bacuruzi kandi hari umuriro n'amazi. Gutunganya amafi n'inyama bigomba gukorerwa ahateganijwe n'ubuyobozi bw'isoko, hubakiye n'amakaro. Buri mucuruzi w'inyama cyangwa amafi agomba kugira icyuma cyabugenewe cyo gukonjesha (congelateur). Hagomba gucuruza inyama zipimye. Abakozi bagomba kugira imyenda y'akazi (ingofero, itaburiya na bote by'umweru) kandi bagapimwa indwara zanduzwa nibura rimwe mu mezi ane. Kugira igikoresho gikoze muri plasitiki cyangwa icyuma bipfundikirwa cyo kujugunyamo ibisigazwa. Inyama zigomba gucururizwa mu byuma bikonjesha. Nta masazi agomba kugera ku nyama.	23
Ingingo ya 45: Inyama	23
Inyama zigomba gutwarwa n'imodoka zigenewe uwo murimo gusa. Birabujijwe ko abantu bagenda bicaye hejuru y'inyama.	23

Ingingo ya 46 : Isoko rigomba kugira ibi bikurikira.....	23
Isoko rigomba kugira ibi bikurikira :.....	23
-Amazi ahagije	23
-Ubwiherero buhagije kandi bugaragara ah'abagore n'ah' abagabo n'abafite ubumuga.	23
-Aho gukarabira.....	23
-Imiyoboro y'amazi yanduye n'ay'imvura akoherezwa mu miyoboro rusange yabugenewe.....	23
-Ibitebo by'imyanda kandi kirazira kumena imyanda iruhande y'ibyo bitebo.	23
-Amashyamba.....	23
Ingingo ya 47: Imbutu n'imboga.....	23
Ingingo ya 48: Amatungo	24
Amatungo yemerewe gucururizwa mu isoko risanze mu mwanya wayagenewe atavanzwe n'ibindi bicuruzwa ni aya akurikira:.....	24
*Inkoko n'ibindi biguruka byororwa.....	24
*Inkwavu.	24
Aya matungo agomba kuguma mu dutete twabugenewe cyangwa ibibuti.	24
*Ihene, inka n'anandi matungo atavuzwe haruguru bigomba kuba mu isoko ryazo aho byagenewe gucururizwa.....	24
Ingingo ya 49: Ibisabwa buri mucuruzi	24
Buri mucuruzi agomba gutunganya no kwita ku isuku y'aho akorera. Birabujijwe ko umuntu uwariwe wese akora igikorwa cyo kuzitira inzira mu isoko. Buri mucuruzi ucururiza mu isoko atanga umusanzu w'isuku ugenwa n'Akarere.	24
Ingingo ya 50: Umukuru w'isoko.....	24
Umukuru w'isoko afatanyije na Komite icunga isoko basabwe gufatira icyemezo ikibazo icyari cyo cyose cyatera umwanda mu isoko.....	24
Interuro ya 12: Amabwiriza y'isuku agenga imashini zisya imyaka.....	24
Ingingo ya 51: Gusya.....	24
Ingingo ya 52: Abakozi bagomba kwambara.....	25
Interuro ya 13: Amabwiriza y'isuku agenga ibagiro.....	25

Ingingo ya 53:Umuntu wese wifuza gukora ibagiro agomba kugira ibi bikurikira:.....	25
Ingingo ya 54:Inzu y'ibagiro igomba kuba yujuje ibi bikurikira :	25
Interuro ya 14: Amabwiriza y'isuku agenga inzu yo guturamo (kubamo):	26
Ingingo ya 55:Inzu yo kubamo igomba:	26
-kuba yubakishijwe ibikoresho biramba	26
-kuba ifite umureko n'ubwiyuhagiriro.....	26
-kuba ifite imbuga ihora isukurwa.....	26
-kuba ifite ubwihereho.....	26
-Igomba kandi kuba yubatse kure:•y'ahantu hari amazi nko mu bishanga,.....	26
•y'aho bamena umwanda w'ibishingwe n'umwanda wo mu bwihereho	26
•y'irimbi.....	26
•ya ruhurura.....	26
- Buri rugo rugomba kuvangura ibishingwe bibora n'ibitabora	26
Ingingo ya 56: Umaturage Utuye mu mugi	26
Interuro ya 15: Amabwiriza y'isuku agenga inzu y'ubucuruzi.....	27
Ingingo ya 57:Inzu y'ubucuruzi igomba kuba:	27
Interuro ya 16: Amabwiriza y'isuku agenga ahobatanganyiriza umusatsi (kogosha cyangwa gusokoza). 27	27
Ingingo ya 58: Kugira ngo umuntu yemererwe gukora	27
•Ibyo bikoresho tuvuze haruguru byose bigomba kuba bifite isuku buri gihe.	28
•Kugira imashini zogosha zihagije	28
• Kugira sterilizer y'imashini: Nyuma yo kogosha buri muntu, imashini yogosha igomba kubanza gushyirwa mu cyuma kiyisukura.....	28
Ingingo ya 59: By'umwihariko ku mazu basokorezamo abagore:	28
By'umwihariko ku mazu basokorezamo abagore:	28
•Imiti bakoresha mu musatsi igomba kuba iy'umwimerere kandi amazi yogeshejwe mu mutwe agashyirwa mu ndobo yabugenewe mbere yo kuyohereza mu miyoboro y'amazi yabugenewe	28
•Amazi yoherezwa mu miyoboro agomba kuba nta misatsi irimo cyangwa ikindi cyose cyakwangiza umuyoboro.	28

10

Ingingo ya 60: Umukozi wogosha.....	28
•Umukozi wogosha cyangwa usokoza agomba gusuzumwa na muganga indwara zanduza mbere yo gutangira ako kazi na buri amezi ane.	28
•Umukozi wogosha cyangwa usokoza agomba kwambara imyenda yabugenewe n'ibikoresho birinda intoki.....	28
Interuro ya 17: Amabwiriza y'isuku agenga aho bacururiza inyama	28
Ingingo ya 61: Kugirango ucuruze	28
Ingingo ya 62: Inzu icururizwamo	29
Ingingo ya 63 : Agomba kuba afite :	30
-Icyuma gikonjesha (Congélateur, Chambre froide,...) n'imashini itanga umuriro (Generator) ;	30
-Ameza ariho urubaho rwabugenewe rwo gutunganyirizaho inyama rufite umubyimba wa cm 10 cyangwa ameza azengurutswe n'amakaro;	30
-Igikoresho gikoze muri plasitiki cyangwa icyuma gifungikirwa cyo gushyiramo ibisigazwa ;	30
-Imipanga n'ibindi byuma bisa neza kandi nta mugese bifite ;	30
-Akuma gafata amasazi n'utundi dusimba;	30
-Utubati two kwerekaniramo inyama dufite ubushyuhe butarenze 4°C.....	30
Ingingo ya 64: Abakozi bagomba gupimwa na muganga.....	30
Abakozi bagomba gupimwa na muganga indwara zanduza mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane nibura, akemeza ko bakwiye gukora uwo murimo. Bambaye imyenda yabugenewe (Ingofero, itaburiya, na bote by'umweru) kandi bafite isuku y'umubiri n'iyi myenda ihagije.....	30
Ingingo ya 65 : Inyama zigomba kuba zifite icyemezo cy'aho zaguriwe.....	30
Inyama zigomba kuba zifite icyemezo cy'aho zaguriwe (Certificat d'origine), n'ibimenyetso byerekana ko zapimwe (Cachet d'inspection)	30
Ingingo ya 66 : Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira inyama	30
Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira inyama.	30
Interuro ya 18: Amabwiriza y'isuku agenga aho batunganyiriza amata bakoresheje imashini.	30
Ingingo ya 67: Kugira ngo ukore umurimo wo gutunganya amata	30
Kugira ngo ukore umurimo wo gutunganya amata ukoresheje imashini ugomba kuba warahawe uburenganzira na Minisiteri ifite ubworozi mu nshingano zayo.	30

Ingingo ya 68: Kugirango amata atunganywe.....	31
Kugirango amata atunganywe kandi atunganire abayanywa cyangwa abayakoresha, agomba gushyushywa hakurikijwe ubushyuhe bwa 63° C mu minota 30 cyangwa 72 ° C mu minota cumi n'itanu.....	31
Ingingo ya 69: Amata agomba kubikwa muri firigo mu cyumba cyabugenewe.....	31
Amata agomba kubikwa muri firigo mu cyumba cyabugenewe.....	31
Ingingo ya 70: Amata agomba gupimwa.....	31
Amata agomba gupimwa kugirango barebe ko hari icyongerewemo cyane cyane amazi hakoreshejwe icyuma cyerekana ubuziranenge bw'amata "lactodensimètre".....	31
Ingingo ya 71: Ibikoresho byose nk'ibyho gushyushya	31
Ibikoresho byose nk'ibyho gushyushya, guhoza, gushyira mu macupa no kuyungurura amata bigomba kozwa n'amazi ashushye n'isabuni bihagije kugirango bice udukoko (microbes) twaba turimo.	31
Ingingo ya 72: Inzu yose igomba kozwa hose nyuma y'akazi buri munsu	31
Inzu yose igomba kozwa hose nyuma y'akazi buri munsu.....	31
Ingingo ya 73: Imashini	31
Imashini ntigomba kwinjirwamo n'umukungugu kandi amata agomba kurindwa kwanduzwa mu buryo ubwo aribwo bwose.....	31
Ingingo ya 74: Abakozi bakora ahatunganyirizwa amata.....	31
Abakozi bakora ahatunganyirizwa amata bagomba gupimwa indwara zandura mbere yo gutangira akazi na rimwe mu mezi ane.....	31
Interuro ya 19: Amabwiriza agenga aho bacururiza amata.....	31
Ingingo ya 75: Ucuruza amata	31
Ibikoresho byose (ibyansi, ibikombe, umubirikira, ibirahuri,.....) bigomba kurangwa n'isuku buri gihe.....	31
Ingingo ya 76: Abakozi.....	31
Abakozi bagomba kugira umwambaro w'ibara ryera bakarangwa n'isuku buri gihe, kandi bagapimwa na Muganga mbere yo gutangira akazi na rimwe mu mezi ane.....	32
Interuro ya 20: Amabwiriza agenga aho bacururiza amafi	32
Ingingo ya 77: Kugirango ucuruze amafi	32




Kugirango ucuruze amafi ugomba kuba ufite icyemezo cy'Umurenge kikwemerera gukora ako kazi naho abayavana mu mahanga bagomba kuba bafite uburenganzira bwa Minisiteri ifite ubworozi mu nshingano zayo.....	32
Ingingo ya 78: Inzu icururizwamo amafi igomba kuba:	32
Ingingo ya 79: Agomba kuba afite :	33
-Icyuma gikonjesha (Congélateur, Chambre froide,...) n'imashini itanga umuriro (Generator) ;	33
-Ameza ariho urubaho rwabugenewe rwo gutunganyirizaho inyama rufite umubyimba wa cm 10 cyangwa ameza azengurutse n'amakaro;	33
-Igikoresho gikoze muri plasitiki cyangwa icyuma gipfungikirwa cyo gushyiramo ibisigazwa ;	33
-Imipanga n'ibindi byuma bisa neza kandi nta mugese bifite ;	33
-Akuma gafata amasazi n'utundi dusimba.....	33
Ingingo ya 80: Abakozi bagomba.....	33
Ingingo ya 81: Amafi agomba gutwarwa.....	33
Amafi agomba gutwarwa mu modoka zabugenewe zikonjesha. Agomba kandi kuba ari mu cyuma gikonjesha buri gihe, kandi igihe umuriro udahari hakitabazwa imashini itanga umuriro (Generator). Agomba kandi gupimwa na Veterineri mbere yo gucuruzwa.	33
Ingingo ya 82 : Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira amafi.....	33
Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira amafi.....	33
Interuro ya 21: Amabwiriza y'isuku agenga ibarizo	33
Ingingo ya 83: Kugira ngo umuntu yemererwe gukora ibarizo	33
Ingingo ya 84: Inzu ibarizwamo.....	33
Ingingo ya 85: Abakozi bagomba kugira imyambaro ibaranga	34
Interuro ya 22 : Amabwiriza y'isuku mu mashuri.....	34
Ingingo ya 86: Ikigo cy'ishuri kigomba kugira ikimoteri.....	34
Ingingo ya 87: Ahateganyijwe inzira.....	34
Ingingo ya 88: Buri kigo cy'ishuri	34
Ingingo 89: Ikigo cy'ishuri kigomba	34
Ingingo ya 90 : Ubwiherero bugomba	35




Ubwiherero bugomba kuba bupfundikirwa kandi hakaba hari agatebo kagenewe gushyirwamo imyanda (Pubelle).....	35
Ingingo ya 91 : Abanyeshuri.....	35
Ingingo ya 92 : Isuku mu buriro no mu gikoni.....	35
Ingingo ya 93 : Ibikoresho byo kumeza.....	35
Ingingo ya 94: Inkono.....	36
Inkono zigomba kozwa, amazi yanduye akoherazwa mu muyoboro wabugenewe upfundikiye uyohereza mu cyobo cyabugenewe gipfundikiye.....	36
Igikoni kigomba gusukurwa gatatu k'umunsi, ibikoresho byo mu gikoni bikamanikwa ahabugenewe.....	36
d) Isuku mu macumbi y'abanyeshuri	36
Ingingo 95: Amazu acumbikiye abanyeshuri.....	36
Amazu acumbikiye abanyeshuri agomba kuba afite ibi bikurikira :	36
a)Kuba igenewe kwakira abana b'igitsina kimwe.....	36
b)Amazi n'amashanyarazi	36
c)Uburyo bwo kubika amazi yakoresha mu gihe ayandi yabuze (Ibigega) ;	36
d)Uburyamo buboneye bugenerwa buri munyeshuri (umunyeshuri igitanda cye) ;	36
e)Igikoni gitunganye kandi kirimo ibikoresho bihagije n'ububiko bwabyo ;	36
f)Aho kurira haboneye kandi hajyanye n'umubare w'abanyeshuri bakiriwe	36
g)Aho abanyeshuri bamesera imyenda yabo n'aho bayanika	36
h)Aho kwiyuhagirira no kogera haboneye kandi hahagije	36
i)Ubwiherero buhagije bwubatse neza kandi burangwa n'isuku.....	36
Interuro ya 23 : Amabwiriza y'isuku agenga aho bategera imodoka	36
Ingingo ya 96: Aho imodoka zihagarara.....	36
Ingingo ya 97: Nta bucuruzi bwemewe	37
Nta bucuruzi bwemewe gukorerwa aho abagenzi bategera imodoka keretse munzu y' ubucuruzi yabugenewe.....	37
Ingingo ya 98: aho imodoka zihagarara hagomba kuba hari ubwiherero buhagije	37




Hagomba kuba hari amazi n'ubwiherero bihagije. Amazi yanduye agomba koherezwa mu byobo byabugenewe kandi bitwikiriye. Amazi y'imvura nayo agomba koherezwa mu miyoboro yabugenewe..	37
Interuro ya 24: Amabwiriza y'isuku muri gereza	37
Ingingo ya 99: icyumba abagororwa bararamo.....	37
Ingingo ya 100: Gereza.....	37
Ingingo ya 101: Gereza igomba	38
Gereza igomba kugira amazi ahagije. Amazi yanduye agomba koherezwa mu byobo byabugenewe kandi bitwikiriye. Amazi y'imvura nayo agomba koherezwa mu miyoboro yabugenewe, bishobotse akaba yakoresha imirimo inyuranye.	38
Imyanda iyo ariyo yose cyane cyane iva mu misarane igomba gutunganyirizwa mu mbibi za Gereza.	38
Ingingo ya 102: Aho gutekera.....	38
Aho gutekera n'ibikoresho byo guteka, kwaruriramo no kunyweramo bigomba kurangwa n'isuku.....	38
Interuro ya 25: Amabwiriza y'isuku mu mihanda.....	38
Ingingo ya 103: Birabujijwe kumena imyanda	38
Birabujijwe kumena imyanda mu mihanda no mu miyoboro y'amazi (Canalisation).	38
Ingingo ya 104: Mu gihe hagaragaye itungo cyangwa inyamaswa byapfiriye mu mihanda,	38
Mu gihe hagaragaye itungo cyangwa inyamaswa byapfiriye mu mihanda, bimenyeshwa ubuyobozi bw'umudugudu/Akagari kugirango bayikureho ku buryo bwihutirwa.....	38
Ingingo ya 105: Birabujijwe kumena ibikoresho by'ubwubatsi.....	38
Ingingo ya 106: Abanyamaguru bagomba kunyura.....	38
Abanyamaguru bagomba kunyura ahabugenewe birinda guca mu busitani bukikije cyangwa bugabanya umuhanda mo kabiri.	38
Nta muntu n'umwe wemererewe guta imyanda muri ubwo busitani.	38
Ingingo ya 107: Birabujijwe gucira mu mihanda no kwituma cyangwa kwihagarika ahatarabugenewe.	38
Ingingo ya 108: Buri muturage agomba gukuraho ibihuru no kwita ku busitani buri hagati y'igipangu, Umurima we n'umuhanda.....	39
Interuro ya 26: Isuku mu bibanza bitubatse n'amazu ataruzura.....	39
Ingingo y'i 109: Bitanyuranyije n'amasezerano	39

SA

Chum

Interuro ya 27: Amabwiriza agenga ibisigara bya Leta.....	39
Ingingo y'i 110: Inshingano z' Umurenge.....	39
Ingingo y'i 111: Inshingano z' Umuturage.....	39
Ingingo y'i 112: Birabujijwe ku muntu uwo ariwe wese kugendesha ibirenge, agomba kwambara inkweto.....	39
Ingingo y'i 113: Utazubahiriza amabwiriza yavuzwe haruguru azahanwa n' Urwego rubifitiye ububasha ahanishwe ibihano biteganywa muri aya mabwiriza agenga isuku mu karere ka Burera kandi ibikorwa bye bifungwe kugeza igihe akosoreye amakosa yahaniwe :.....	39
AMANDE ACIBWA ABATUBAHIRIJE AMABWIRIZA	40
I.ISUKU YA RESITORA.....	40
ISUKU Y'UMUBIRI	41
III.GUCUNGA IMYANDA NEZA	42
IV.GUTWARA IMYANDA MU BURYO BWO KWITA KU BIDUKIKIJE	42
V.GUCURUZA IBIRIBWA	42
VI. ISUKU Y'AMAZU AKORERWAMO UBUCURUZI.....	42
VII. ISUKU YA GARAJI.....	43
VIII.ISUKU YA SALON DE COIFFURE.....	43
IX. ISUKU Y' IKUSANYIRIZO RY'AMATA	43
X. ISUKU YAHU BACURURIZA AMATA.....	44
XI.ISUKU Y'INGANDA	44
X.II: ISUKU Y'IBAGIRO.....	44

ISOBANURAMPAMVU:

Akarere ka Burera, kimwe n'utundi turere tw'icyaro kibasiwe n'ibibazo byinshi, birimo n'icy'isuku nke ibangamiye ubuzima bw'abahatuye.

Isuku rero ibangamiwe n'ibintu byinshi, birimo imyanda yaba ikomeye cyangwa iy'amazi yanduye, amazi mabi yoherezwa muri za ruhurura no mu mihanda aturuka mu ngo, imyubakire mu kajagari ituma ibikorwa remezo byangirika.

Ibi bibazo byose twavuze haruguru biterwa ahanini no kwiyongera kw'abaturage bitajyanye n'amikoro y'igihugu, nyamara ibikorwa remezo by'isuku byakoreshwaga n'abo baturage byo ntibishobore kwiyongera nk'uko abaturage biyongera.

Hari n'ikibazo cy'imyumvire y'abaturage badaha agaciro ikibazo cyo kwita ku isuku uburemere bukabije gifite, kuko kenshi na kenshi ingaruka z'iki kibazo ntizihita zigaragaza. Bityo bakarenga ku mategeko y'isuku bamwe kubera kutayamenya abandi bakabikora nkana (babizi).

Ibi bigira ingaruka mbi ku buzima bw'abaturage, bakarwara indwara z'impiswi, indwara z'imyanya y'ubuhumekero n'izindi ndwara zinyuranye ziterwa no kunywa amazi no kurya ibiribwa byanduye. Twanavuga ikama ry'ibishanga kubera ibikorwa binyuranye bigenda bikorerwamo.

Niyo mpamvu, Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, mu nama yayo idasanzwe yo ku wa 22.02.2023

Ishingiye kw'iteka rya Minisitiri ryo ku wa 24/09/2001 ryerekeye imikoreshereze n'imicungire y'ibishanga mu Rwanda; Iteka n°34/76 ryo kuwa 13/10/1976 ryerekeye ubucukuzi bwa Kariyeri, amateka ya Minisitiri w'Ubuzima yerekeye isuku y'ahantu hahurira abantu benshi n'andi mabwiriza anyuranye ya Minisitiri zifite isuku, n'isukura mu nshingano zazo; bitanyuraniye na politike n'amabwiriza y'izo Minisitiri; Yemeje kandi itegegetse amabwiriza akurikira agenga isuku mu karere ka Burera.

I. UMUTWE WA MBERE: ISUKU RUSANGE

Interuro ya 1: Imyanda ikomeye

Ingingo ya 1: Imyanda ikomeye

Imyanda ikomeye imenwa ahabugenewe kandi hagatandukanywa ibora n'itabora ku rwego rwa buri rugo.

Buri muturage utuye mu mugwi atanga umusanzu w'isuku ku myanda iva mu rugo. Amafaranga agenwa n'Akarere.



Ingingo ya 2 : Imodoka zitwara imyanda ikomeye zigomba kuba zipfundikiye kandi zipakurura

Imodoka zitwara imyanda ikomeye zigomba kuba zipfundikiye kandi zipakurura

Ingingo ya 3: Imyanda ikomoka mu nganda n'iva mu mavuliro itunganirizwa muri ibyo bigo kandi imenwa ahabugenewe

Imyanda ikomoka mu nganda n'iva mu mavuliro itunganirizwa muri ibyo bigo kandi imenwa ahabugenewe

Ingingo ya 4: Uruhushya rwo gutwara imyanda rutangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere.

Uruhushya rwo gutwara imyanda rutangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere.

Interuro ya 2: Amazi yanduye

Ingingo ya 5: Amazi yanduye

Amazi yanduye ndetse n'amazi y'imvura ayoborwa mu byobo byabugenewe biri muri buri kibanza cyangwa ahandi hose Ubuyobozi bw'Akarere bwateganije.

Nta muntu n'umwe, ikigo cyaba icya Leta cyangwa uwikorera ku giti cye, wemerewe kohereza amazi yanduye mu kibanza cy'umuturanyi cyangwa mu miyoboro y'amazi y'imvura.

Ingingo ya 6: Inganda ziyungurura amazi

Inganda ziyungurura amazi yanduye zigomba gukora zikurikiza amategeko arebana n'isuku.

Interuro ya 3: Ubwiherero

Ingingo ya 7: Kwituma no kwihagarika

Kwituma no kwihagarika bikorerwa mu bwihherero bwaba ubwo mu rugo cyangwa rusange



Ingingo ya 8: Ubwiherero rusange

Ubwiherero rusange tubusanga ahantu hahurira abantu benshi, bugomba kuba bwubakishije ibikoresho bikomeye (matériaux durables) kandi ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore bugatandukana.

Interuro ya 4: Amabwiriza y'isuku muri resitora

Ingingo ya 9: Inzu ikorerwamo ubucuruzi bwa resitora

Inzu ikorerwamo ubucuruzi bwa resitora igomba kuba yujuje ibyangombwa bikurikira:

1. Kuba idatuwemo
2. Kuba kure y'imyanda
3. Kuba yitaruye amazu atuwemo
4. Kugira ubuhumekero buhagije
5. Kuba yubakishijwe ibikoresho bikomeye, isize irangi kandi ikoteye n'isima hasi.
6. Igikoni gihagije cyubakishije amakaro ku nkuta
7. Aho gusukurira ibikoresho
8. Aho kubika ibikoresho
9. Aho gufatira ifunguro
10. Ibyuma bizimya umuriro
11. Ubwiherero bwabagabo n'ubwabagore

Ingingo ya 10: Resitora igomba kugira

Resitora igomba kugira ubwiherero bufite isuku ihoraho nibura bumwe bw'abagabo na bumwe bw'abagore. Igomba kandi kuba ifite ubwiherero bw'abafite ubumuga. Ubwiherero bwose bugomba kuba bwitaruye ahakorerwa indi mirimo.



Ingingo ya 11: Resitora igomba

Resitora igomba kugira amazi asukuye yo kunywa (atetse cyangwa arimo sur'eau), nibura litiro 200. Resitora kandi ikwiye kugira aho gukarabira (ubukarabiro cyangwa kandagirukarabe, amazi meza n'isabune).

Kuri resitora hagomba kuba hari imiyoboro y'amazi y'imvura, amazi aturuka aho batekera, amazi aho bogereza ibikoresho yose yoherezwa ahabugenewe..

Ingingo ya 12: Abakozi bakora muri resitora.

1. Bagomba kugira isuku ku mubiri igihe cyose kandi batarwaye indwara zandura (ubuheri, igituntu n'izindi;....)

2. Gusuzumwa indwara zanduza mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane (inshuro 3 mu mwaka)

3. Kugira umwenda w'akazi, ingofero cyangwa igitambaro bibaranga kandi bakagenerwa aho babika imyenda n'ibindi bintu byabo bwite; bagomba kwambara amataburiya y'amaboko maremare ariko nanone ntagere ku biganza kuburyo adakora mu biribwa .

4. Guhorana isuku hose (guca inzara, kutazisiga vernis, ...).

5. Kwambara inkweto zabugenewe

Ingingo ya 13: Resitora igomba kugira igitebo

Resitora igomba kugira igitebo cyo kumenamo imyanda gipfundikirwa kandi cyitaruye aho abantu barira; kandi nta bikoresho bya plastic byemewe gukoreshwa mu kugaburiraho abantu.

Ingingo ya 14: Ushaka gukora ubucuruza bwa resitora

Ushaka gukora ubucuruza bwa resitora agomba kuba afite icyemezo cy'Ubuyobozi bw'Umurenge ahabwa ari uko yubahirije ibyanditswe mu mabwiriza ya Leta agenga ishingwa rya resitora.

Interuro ya 5: Amabwiriza y'isuku mu macumbi

Ingingo ya 15: icyumba cyo kuraramo

Icyumba cyo kuraramo kigomba kuba kirimo ibitanda bitarenze bibiri n'ibiryamirwa bihagije kandi bihindurwa buri munsu kandi bifite isuku, nta dusimba turimo tubangamiye ubuzima.

Buri cyumba kigomba kugira ameza, intebe, ububiko;

Inzu irimo amacumbi igomba kugira ibikoresho bizimya umuriro bihagije ugereranyije n'ubunini bwayo .

Ingingo ya 16: Amacumbi

Amacumbi agomba kugira ubwiherero buhagije, ah'abagore n'ah'abagabo, n'ubwabafite ubumuga hakaboneka kandi nibura ikigega cya litiro 1000 z'amazi meza yo gukaraba, aho gukarabira hari isabune n'ibikoresho byagenewe guhanagura intoki bidasangirwa (usage unique), hari n'agatebo kajyamo imyanda.

Ku macumbi yo ku rwego rwo hejuru, buri cyumba kigomba kugira ubwiherero n'aho gukarabira.

Ingingo ya 17: Inzu y'icumbi

Inzu y'icumbi igomba kugira aho kwiyuhagirira hari amazi akonje n'ashyushye, kugira aho kumesera, kwanika imyenda n'aho guterera ipasi.

Interuro ya 6: Amabwiriza y'isuku mu bunywero

Ingingo ya 18: Kugirango ubucuruzi bw'akabari bubeho

Kugirango ubucuruzi bw'akabari bubeho, hagomba kubahirizwa ibi bikurikira: kugira icyemezo gitangwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge.

Ingingo ya 19: Inzu ikorerwamo nk'ubunywero

Inzu ikorerwamo nk'ubunywero igomba kuzuzwa ibi bikurikira: kuba idatuwemo n' umuryango kireka gusa umuntu ucunga ubucuruzi buhakorerwa igomba kuba yitaruye amazu atuwemo n' abaturage.

Ingingo ya 20: Inzu y'Ubunywero igomba kugira ibyumba bya ngombwa bikurikira:

Inzu y'Ubunywero igomba kugira ibyumba bya ngombwa bikurikira:

Aho kunywera hahagije kandi hari ameza n'intebe

Aho kubika kubika ibirahure hafite isuku



Aho kubika inzoga n'ibindi binyobwa

Ubwiherero bw'abagabo, ubw'abagore ndetse n'ubw'abafite ubumuga n'aho gukarabira hitaruye aho banywera

Aho gusukurira ibikoresho bikoreshwa mu kabari hafite isuku ihagije

Ingingo ya 21: Kubacuruza urwagwa

Kubacuruza urwagwa, kugira indobo nini ifite robine ipimirwamo urwagwa kandi akagira amazi menshi, nibura ikigega cya litiro 200 ku munsu. Birabujijwe ko abantu basangira urwagwa cyangwa ikigage bakoresheje umuheha umwe cyangwa igikombe.

Ingingo ya 22: Ibigomba kuranga abakozi

Abakozi bagomba kurangwa n'isuku, kugira umwambaro w'akazi ubaranga, kwipimisha indwara zandura mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane.

Ingingo ya 23: ibyo icyokezo kigomba kugira

Icyokezo kigomba kugira amashyiga ariho amakaro. Inyama zigomba kuba mu cyumba gikonjesha. Inyama ntizigomba kugerwaho n'isazi. Hagomba kuba umuyoboro usohora umwotsi hanze (cheminée). Imishito n'ibindi bikoresho bigomba kuba birangwa n'isuku ihagije.

NB: Hagomba gukoreshwa imishito ikoreshwa rimwe gusa nta mushito w'icyuma wemewe gukoreshwa

Interuro ya 7: Amabwiriza y'isuku aho bakorera imigati

Ingingo ya 24: Kugirango ubucuruzi bw'aho bakorera imigati bwemerwe,

Kugirango ubucuruzi bw'aho bakorera imigati bwemerwe, hagomba kugira uruhushya rwa Minisiteri ifite ubucuruzi mu nshingano zayo.

Ingingo ya 25: Inzu ikorerwamo imigati

Inzu ikorerwamo imigati igomba kuba yubakishijwe ibikoresho biramba (matériaux durables), ifite ubuhumekero n'urumuri ruhagije, kuba ifite buri munsu, nibura ikigega cya litiro magana atanu z'amazi meza, inkuta zayo zigomba kuba zisize irangi rikeye kandi ry'amavuta cyangwa zifite amakaro.

Ingingo ya 26: Iyo nzu igomba kandi kuzuza ibi bikurikira:

- Kuba hasi hakoteye na sima cyangwa amakaro

- Kuba nta mbeba cyangwa udukoko birimo
- Igomba kurangwa n'isuku
- Kuba yitaruye amazu atuwemo
- Amazi ashyushye.
- Ibikoresho bizimya umuriro

Ingingo ya 27:Kuba ifite ibyumba bikurikira:

Aho kuvangira ifu

Aho kokereza imigati mu ifuru

Aho bashyira imigati mu bifuniko byabugenewe

Aho kubika imigati.

Ubwambariro bw'abakozi

Imesero n'aho baterera ipasi

Ingingo ya 28:Abakozi bagomba:

- Kuba barapimwe indwara zanduzza bataratangira akazi kandi bakipimisha buri mezi ane (inshuro 3 mu mwaka) ;
- Kuba bafite isuku y'imyambaro n'iy'umubiri
- Kuba bafite imyambaro y'akazi.
- Kuba bafite aho biyuhagirira..

Ingingo ya 29: Kuba hari igitebo cy'imyanda gipfundikirwa kandi kikagirirwa isuku

Kuba hari igitebo cy'imyanda gipfundikirwa kandi kikagirirwa isuku.

Ingingo ya 30: Kuba hari ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore kandi bukarangwa n'isuku.

Kuba hari ubwiherero bw'abagabo, ubw'abagore n'ubw'abafite ubumuga kandi bukarangwa n'isuku.



Interuro ya 8: Amabwiriza y'isuku ku kinamba

Ingingo ya 31:Kugirango ikinamba gikore hagomba ibi bikurikira:

- Kugira icyemezo gitangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere,
- Kuba hari imbuga nziza yubakishijwe sima yo kogerezamo imodoka, yubatswe ku buryo imena amazi mu miferege ijyana mu byobo byabugenewe.
- Kugira icyemezo gitangwa n'Ikigo gifite ibidukikije mu nshingano zacyo.
- Kuba gifite ikigega cya litiro igihumbi cy'amazi meza yo koza imodoka kandi gifite imyobo yakira amazi yanduye.
- Aho kubika ibikoresho
- Aho abakozi bahindurira imyambaro
- Aho bakirira abaje babagana
- Kuba hari aho guhagarika imodoka hahagije kandi hazitiye ku buryo ibikorwa byose bikorerwa imbere
- Ibikoresho bizimya umuriro

Ingingo ya 32:Abakozi bagomba kuba bafite ibi bikurikira:

- imyambaro y'akazi;
- ibikoresho bibarinda kwandura indwara (gants,bottes, masques);
- aho bogera n'ubwiherero.

Interuro ya 9: Amabwiriza y'isuku mu igaraji

Ingingo ya 33:Igaraji rigomba kuba rifite ibi bikurikira:

1. Kugira ibikoresho bizimya umuriro (Extinguisher) bihagije
2. Kugira imyobo ishyirwamo amazi n'amavuta byanduye
3. Kugira imbuga yubakiye neza
4. Kugira amazi ahagije, ubwiherero n'aho kogera



5. Kugira ibyumba bihagije (aho kubika ibikoresho, aho abakozi bahindurira imyenda, ibiro)
6. Kuba rizitiye ku buryo ibikorwa byose bikorerwa imbere mu rugo
7. Kuba rifite icyemezo cyo gukora bahawe na Minisiteri ifite inganda mu nshingano.
8. Kuba rifite icyemezo gitangwa n'ikigo gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zacyo
9. Kuba ryitaruye inzu zituwemo

Ingingo ya 34: Abakozi bagomba kuba bafite ibi bikurikira:

- imyambaro y'akazi
- ibikoresho bibarinda kwandura (gants, masques, lunettes de protection)

Interuro ya 10: Amabwiriza y'isuku mu nganda

Ingingo ya 35:

Kugira uburenganzira bw'uwo murimo butangwa na Minisiteri ifite inganda mu nshingano zayo n'ikigo gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano

Ingingo ya 36: Uruganda

Uruganda rukorera mu nzu ifite nibura ubuso buhagije, yubatswe n'ibikoresho biramba, ifite amadirishya ahagije kandi hasi hakoteye byibura na sima.

Ingingo ya 37: Uruganda nanone

Rugomba kubakwa ahantu hateganyijwe n'Ubuyobozi bw'Akarere, bityo imirimo ikorerwamo ntigire ingaruka mbi ku baturage ndetse n'abakozi barukoramo.

Ingingo ya 38 : Uruganda rugomba kugira ibi bikurikira:

- Amazi ahagije, ajyanye n'ibikorwa rukora.
- Ubwiherero bw'abagabo, ubw'abagore buhagije n'ubw'abafite ubumuga. Hagomba no guteganywa aho gukarabira.
- Umuyoboro w'amazi y'imvura n'uw'umwanda uva mu ruganda ujya ahateganyijwe kugirango utabangamira ubuzima bw'abaturage, utavanze n'umwanda uva mu bwiherero.
- Ibitebo byo kumenamo imyanda bipfundikirwa kandi bigahorana isuku.



-Ibikoresho bizimya umuriro bihagije ugereranyije n'ubunini bw'uruganda.

Ingingo ya 39: Abakozi

Abakozi bagomba kugira imyambaro y'akazi n'ibikingirizo ku ntoke, mu mutwe, mu maso, ku maguru, mu matwi bigendanye n'akazi bakora.

Ingingo ya 40: Abakozi bagomba gupimwa

Abakozi bagomba gupimwa na Muganga indwara zandura (igituntu,..) mbere yo gutangira akazi na buri mezi 4.

Interuro ya 11: Amabwiriza y'isuku mu isoko

Ingingo ya 41: isoko

Isoko rigomba kugira mu buyobozi bwaryo, Umujyanama ushinzwe isuku ya buri muni.

Ingingo ya 42: Uko isoko rigomba kuba zimeze

Isoko rigomba kuba ryubakiye kandi rifite imyanya yateganijwe kuri buri bicuruzwa hariho inyandiko zibyerekanwa.

Ingingo ya 43: Ibicuruzwa

Ibicuruzwa byose cyane cyane ibiribwa bigomba gucururizwa hejuru ku meza kandi hakabaho n'aho kubika ibintu bitarimo gucuruzwa.



Ingingo ya 44: Aho gucururiza

Aho gucururiza inyama n'amafi hagomba kuba hatabangamiye ubuzima bw'abandi bacuruzi kandi hari umuriro n'amazi. Gutunganya amafi n'inyama bigomba gukorerwa ahateganijwe n'ubuyobozi bw'isoko, hubakiye n'amakaro. Buri mucuruzi w'inyama cyangwa amafi agomba kugira icyuma cyabugenewe cyo gukonjesha (congelateur). Hagomba gucuruza inyama zipimye. Abakozi bagomba kugira imyenda y'akazi (ingofero, itaburiya na bote by'umweru) kandi bagapimwa indwara zanduza nibura rimwe mu mezi ane. Kugira igikoresho gikoze muri plasitiki cyangwa icyuma bipfundikirwa cyo kujugunyamo ibisigazwa. Inyama zigomba gucururizwa mu byuma bikonjesha. Nta masazi agomba kugera ku nyama.

Ingingo ya 45: Inyama

Inyama zigomba gutwarwa n'imodoka zigenewe uwo murimo gusa. Birabujijwe ko abantu bagenda bicaye hejuru y'inyama.

Ingingo ya 46 : Isoko rigomba kugira ibi bikurikira

Isoko rigomba kugira ibi bikurikira :

- Amazi ahagije
- Ubwiherero buhagije kandi bugaragara ah'abagore n'ah' abagabo n'abafite ubumuga.
- Aho gukarabira.
- Imiyoboro y'amazi yanduye n'ay'imvura akoherezwa mu miyoboro rusange yabugenewe.
- Ibitebo by'imyanda kandi kirazira kumena imyanda iruhande y'iby bitebo.
- Amashanyarazi

Ingingo ya 47: Imbutu n'imboga

Imbutu n'imboga bigomba gucururizwa ku meza busukuye, Amata y'inka ntiyemerewe gucururizwa mu isoko ku meza, Amagi agomba gucururizwa ahantu hatagera izuba



Ingingo ya 48: Amatungo

Amatungo yemerewe gucururizwa mu isoko risanzwe mu mwanya wayagenewe atavanzwe n'ibindi bicuruzwa ni aya akurikira:

*Inkoko n'ibindi biguruka byororwa

*Inkwavu.

Aya matungo agomba kuguma mu dutete twabugenewe cyangwa ibibuti.

*Ihene, inka n'anandi matungo atavuzwe haruguru bigomba kuba mu isoko ryazo aho byagenewe gucururizwa.

Ingingo ya 49: Ibisabwa buri mucuruzi

Buri mucuruzi agomba gutunganya no kwita ku isuku y'aho akorera. Birabujijwe ko umuntu uwariwe wese akora igikorwa cyo kuzitira inzira mu isoko. Buri mucuruzi ucukuriza mu isoko atanga umusanzu w'isuku ugenwa n'Akarere.

Ingingo ya 50: Umukuru w'isoko

Umukuru w'isoko afatanyije na Komite icunga isoko basabwe gufatira icyemezo ikibazo icyari cyo cyose cyatera umwanda mu isoko.

Interuro ya 12: Amabwiriza y'isuku agenga imashini zisya imyaka

Ingingo ya 51: Gusya

Umuntu wese ukora umurimo wo gusya imyaka akoresheje imashini agomba :

•Kuba afite uruhushya rutangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere na Minisiteri ifite inganda mu nshingano zayo.

•Kugira inzu yubatswe ifite amadirishya ahagije, ifite igisenge gifunguye mu mpande kandi isakaye yitaruye amazu atuwemo.

•Kugira icyumba cyo guhinduriramo imyenda y'akazi n'itari iy'akazi,

•Kugira icyumba cyo kubika imyaka iri mu bikoresho byabugenewe kandi hatari ku butaka

•Kugira icyumba cyo kubika ifu iri mu mifuka.

•Kugira ubwiherero bw'abagore , ubw'abagabo n'ubw'abafite ubumuga.

- Aho gukarabira n'aho kwiyuhagirira.
- Imiyoboro y'amazi y'imvura ava ku nzu n'iy'amazi yanduye kandi byoherezwa mu byobo byabugenewe.

•Kugira igitebo cyo kumenamo umwanda gipfundikirwa.

•Abakozi bagomba gupimwa na Muganga mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane.

•Ibikoresho byo kuzimya umuriro

Ingingo ya 52: Abakozi bagomba kwambara

Abakozi bagomba kwambara imyenda ikwiranye n'akazi kabo: itaburiya y'ibara ryera y'amaboko maremare ariko atageze kubiganza hamwe n'ibyo gushyira ku mazuru bihagije no gutwikira umutwe.

Interuro ya 13: Amabwiriza y'isuku agenga ibagiro

Ingingo ya 53: Umuntu wese wifuza gukora ibagiro agomba kugira ibi bikurikira:

--Uburenganzira bwatanzwe na Minisiteri ifite ubworozi mu nshingano zayo no kubahiriza amabwiriza ya RICA (Rwanda Institute for conservation Agriculture).

-Ibagiro rigomba kugira aho amatungo ashirwa ategereje kubagwa. Birabujijwe kuvanga amatungo nk'inka n'ingurube cyangwa ihene.

-Abakozi bakora mu ibagiro bagomba gupimwa indwara zanduza nibura rimwe mu mezi ane

Ingingo ya 54: Inzu y'ibagiro igomba kuba yujuje ibi bikurikira :

•Kugira aho kubagira hameze neza, mu nzu isakaye, ifashwe n'inkingi gusa ifite inkuta n'ameza Kugira aho kubagira hameze neza, mu nzu isakaye, ifashwe n'inkingi gusa ifite inkuta n'ameza by'amakaro, irimo amazi ahagije ashushye n'akonje, irimo amatara n'imiyoboro ijyana umwanda ahateganyijwe, hasi hakoteye na sima hadacengera amazi, igice cy'inkuta zitariho amakaro kigomba kuba gisize irangi ry'amavuta.

•Kugira aho gutunganiriza inyama zo mu nda n'ibikoresho byo kwica udukoko,

•Kugira akabati k'icyuma ko kubikamo ibikoresho

•Kugira inzu isakaye yo kubambamo impu

•Kugira ubwiherero n'aho gukarabira.

•Kugira aho kumanika inyama hadafunganye kugirango zipimwe n'ababishinzwe n'icyumba cyo gushyiramo inyama zifite ikibazo zitegereje gufatirwa ingamba

•Imyanda yose iva mu ibagiro igomba kubikwa ku buryo bunoze kandi butabangamiye abarituraye

Interuro ya 14: Amabwiriza y'isuku agenga inzu yo guturamo (kubamo):

Ingingo ya 55: Inzu yo kubamo igomba:

-kuba yubakishijwe ibikoresho biramba

-kuba ifite umureko n'ubwiyuhagiro

-kuba ifite imbuga ihora isukurwa

-kuba ifite ubwiherero

-Igomba kandi kuba yubatse kure:•y'ahantu hari amazi nko mu bishanga,

•y'aho bamena umwanda w'ibishingwe n'umwanda wo mu bwihherero

•y'irimbi.

•ya ruhurura

- Buri rugo rugomba kuvangura ibishingwe bibora n'ibitabora

Ingingo ya 56: Umuturage Utuye mu mug

Umuturage uwo ariwe wese utuye mu mujyi agomba kwita kuri ibi bikurikira:

-Gutera ibyatsi n'ibiti by'umurimbo mu gapande kari hagati y'urupangu (cyangwa uruzitiro) rwe n'umuhanda kandi akabigirira isuku;

-Inzitiro z'ingo zitari inyubako (amatafari, bloc ciment, etc) zigomba gukorwa n'ibiti by'umurimbo bibereye ijisho bitari imiyenzi (cyangwa ibindi biti bitagaragaza ubwiza).

-Inyuma y'inkuta zikomeye, aho bishoboka byaba byiza hatewe n'utuzitiro tw'uduti tw'umurimbo;

-Kwirinda guta imyanda muri "caniveau" cyangwa ruhurura kandi akagirira isuku ahabangikanye n' ikibanza cye



-Ntawemerewe kwerekeza amazi ava mu kibanza cye mu ngo z'abandi cyangwa mu muhanda.

Interuro ya 15: Amabwiriza y'isuku agenga inzu y'ubucuruzi

Ingingo ya 57: Inzu y'ubucuruzi igomba kuba:

- Yubatse ahagenewe ubucuruzi kandi yubakishijwe ibikoresho bizamara igihe kirekire.
- Ifite amadirishya ahagije
- Ifite inkuta zisukuye, zisize irangi cyangwa zitatswe, hasi hakoteye na sima kandi irimo ibyangombwa byose bijyanye n'uwo murimo cyangwa ibikorwa bikorerwa muri yo nzu.
- Ishobora gukorerwamo ibikorwa byateganijwe gukorerwamo nta mbogamizi cyangwa ingaruka mbi
- Ifite ubwiherero buhagije, ubw'abagore, ubw'abagabo n'ubw'abafite ubumuga n'aho gukarabira.
- Ifite imiyoboro y'amazi y'imvura n'iy'amazi yanduye, bikoherezwa ahabugenewe, hakaba n'ibitebo byo gushyiramo umwanda, ibora n'itabora igatandukanywa.
- Ifite ibikoresho byo kuzimya umurimo bihagije bigendanye n'ubunini bwabyo.

Interuro ya 16: Amabwiriza y'isuku agenga ahobatunganyiriza umusatsi (kogosha cyangwa gusokoza)

Ingingo ya 58: Kugira ngo umuntu yemererwe gukora

Kugira ngo umuntu yemererwe gukora uyu murimo agomba kuba afite icyemezo cy'ubuyobozi bw'Umurenge.

Inzu igomba kugira :

- amadirishya ahagije kugirango habeho ubuhumekero buhagije
- akabati gashyirwamo ibikoresho byanduye n'ibitanduye.
- Igitabo cyo kumenamo umwanda n'umusatsi
- Ubwihereho bw'abagabo, ubw'abagore n'ubw'abafite ubumuga kandi bufite isuku
- Kugira imiyoboro y'amazi yanduye n'ay' imvura kandi akoherezwa mu miyoboro yabugenewe.



- Kugira aho gukarabira amazi ashyushye n'akonje hamwe n'isabune n'imiti byo kwica udukoko ku mubiri.
- Kugira indorerwamo nini imbere n'inyuma y'uje kwiyogoshesha n'intebe zihagije z'abakiriya.
- Kugira uburoso, imashini zogosha, imikasi, ibitambaro byo kwambika abaje kwiyogoshesha, ibitambaro byo guhanagura mu maso, ibyo gushyira ku mazuru hamwe n'udupapuro tw'isuku two guhanaguza amenyo y'imashini. Alukoro ikoreshwa igomba kuba ifite ubuziranenge kugirango irinde indwara zanduzwa n'udukoko (ibihushi).
- Ibyo bikoresho tuvuze haruguru byose bigomba kuba bifite isuku buri gihe.
- Kugira imashini zogosha zihagije
- Kugira sterilizer y'imashini: Nyuma yo kogosha buri muntu, imashini yogosha igomba kubanza gushyirwa mu cyuma kiyisukura.

Ingingo ya 59: By'umwihariko ku mazu basokorezamo abagore:

By'umwihariko ku mazu basokorezamo abagore:

- Imiti bakoresha mu musatsi igomba kuba iy'umwimerere kandi amazi yogeshejwe mu mutwe agashyirwa mu ndobo yabugenewe mbere yo kuyohereza mu miyoboro y'amazi yabugenewe
- Amazi yoherezwa mu miyoboro agomba kuba nta misatsi irimo cyangwa ikindi cyose cyakwangiza umuyoboro.

Ingingo ya 60: Umukozi wogosha

- Umukozi wogosha cyangwa usokoza agomba gusuzumwa na muganga indwara zanduza mbere yo gutangira ako kazi na buri amezi ane.
- Umukozi wogosha cyangwa usokoza agomba kwambara imyenda yabugenewe n'ibikoresho birinda intoki

Interuro ya 17: Amabwiriza y'isuku agenga aho bacururiza inyama

Ingingo ya 61: Kugirango ucuruze

Kugirango ucuruze inyama ugomba kuba ufite icyemezo cy'Umurenge kikwemerera gukora ako kazi.



Ingingo ya 62: Inzu icururizwamo

Inzu icururizwamo inyama igomba kuba:

- Yubakishije ibikoresho biramba kandi ifite amadirishya ahagije.
- Nibura kuri metero 200 uvuye ahamenwa imyanda;
- Iri hafi y'umuhanda ku buryo bworohereza gupakurura inyama;
- Ifite icyumba gikatirwamo inyama, icyo gucururizamo n'icy'urwambariro kandi byisanzuye;
- Idatuwemo;
- Ifite isuku ihagije kuva hasi kugeza ku gisenge;
- Irimo umwuka uhagije;
- Imbere ku nkuta hasize irangi ry'amavuta ndetse hagashyirwaho metero 1.6 z'amakaro kuva hasi uzungurutse inkuta zose imbere. Hasi hagomba gukoterwa na sima;
- Ifite inzitira -sazi ku madirishya yose;
- Ifite nibura ikigega cya litiro 200 z'amazi kandi hakaba ashyushye n'akonje;
- Ifite ubwiherero nibura bubiri, bumwe bw'abagabo, ubundi bw'abagore;
- Ifite imiyoboro y'amazi yanduye n'ay'imvura.



Ingingo ya 63 : Agomba kuba afite :

- Icyuma gikonjesha (Congélateur, Chambre froide,...) n'imashini itanga umurimo (Generator) ;
- Ameza ariho urubaho rwabugenewe rwo gutunganyirizaho inyama rufite umubyimba wa cm 10 cyangwa ameza azengurutswe n'amakaro;
- Igikoresho gikoze muri plasitiki cyangwa icyuma gipfungikirwa cyo gushyiramo ibisigazwa ;
- Imipanga n'ibindi byuma bisa neza kandi nta mugese bifite ;
- Akuma gafata amasazi n'utundi dusimba;
- Utubati two kwerekaniramo inyama dufite ubushyuhe butarenze 4°C.

Ingingo ya 64: Abakozi bagomba gupimwa na muganga

Abakozi bagomba gupimwa na muganga indwara zanduzwa mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane nibura, akemeza ko bakwiye gukora uwo murimo. Bambaye imyenda yabugenewe (Ingofero, itaburiya, na bote by'umweru) kandi bafite isuku y'umubiri n'iyi myenda ihagije.

Ingingo ya 65 : Inyama zigomba kuba zifite icyemezo cy'aho zaguriwe

Inyama zigomba kuba zifite icyemezo cy'aho zaguriwe (Certificat d'origine), n'ibimenyetso byerekana ko zapimwe (Cachet d'inspection)

Ingingo ya 66 : Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira inyama

Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira inyama.

Interuro ya 18: Amabwiriza y'isuku agenga aho batunganyiriza amata bakoresheje imashini.

Ingingo ya 67: Kugira ngo ukore umurimo wo gutunganya amata

Kugira ngo ukore umurimo wo gutunganya amata ukoresheje imashini ugomba kuba warahawe uburenganzira na Minisiteri ifite ubworozi mu nshingano zayo.

Ingingo ya 68: Kugirango amata atunganywe

Kugirango amata atunganywe kandi atunganire abayanywa cyangwa abayakoresha, agomba gushyushywa hakurikijwe ubushyuhe bwa 63° C mu minota 30 cyangwa 72 ° C mu minota cumi n'itanu.

Ingingo ya 69: Amata agomba kubikwa muri firigo mu cyumba cyabugenewe

Amata agomba kubikwa muri firigo mu cyumba cyabugenewe.

Ingingo ya 70: Amata agomba gupimwa

Amata agomba gupimwa kugirango barebe ko hari icyongerewemo cyane cyane amazi hakoreshejwe icyuma cyerekana ubuziranenge bw'amata "lactodensimètre".

Ingingo ya 71: Ibikoresho byose nk'ibyho gushyushya

Ibikoresho byose nk'ibyho gushyushya, guhoza, gushyira mu macupa no kuyungurura amata bigomba kozwa n'amazi ashushye n'isabuni bihagije kugirango bice udukoko (microbes) twaba turimo.

Ingingo ya 72: Inzu yose igomba kozwa hose nyuma y'akazi buri muni

Inzu yose igomba kozwa hose nyuma y'akazi buri muni.

Ingingo ya 73: Imashini

Imashini ntigomba kwinjirwamo n'umukungugu kandi amata agomba kurindwa kwanduzwa mu buryo ubwo aribwo bwose.

Ingingo ya 74: Abakozi bakora ahatunganyirizwa amata

Abakozi bakora ahatunganyirizwa amata bagomba gupimwa indwara zandura mbere yo gutangira akazi na rimwe mu mezi ane.

Interuro ya 19: Amabwiriza agenga aho bacururiza amata

Ingingo ya 75: Ucuruza amata

Ibikoresho byose (ibyansi, ibikombe, umubirikira, ibirahuri,.....) bigomba kurangwa n'isuku buri gihe.

Ingingo ya 76: Abakozi



Abakozi bagomba kugira umwambaro w'ibara ryera bakarangwa n'isuku buri gihe, kandi bagapimwa na Muganga mbere yo gutangira akazi na rimwe mu mezi ane.

Interuro ya 20: Amabwiriza agenga aho bacururiza amafi

Ingingo ya 77: Kugirango ucuruze amafi

Kugirango ucuruze amafi ugomba kuba ufite icyemezo cy'Umurenge kikwemerera gukora ako kazi naho abayavana mu mahanga bagomba kuba bafite uburenganzira bwa Minisiteri ifite ubworozi mu nshingano zayo.

Ingingo ya 78: Inzu icururizwamo amafi igomba kuba:

- Yubakishije ibikoresho biramba kandi ifite amadirishya ahagije.
- Nibura kuri metero 200 uvuye ahamenywa imyanda;
- Iri hafi y'umuhanda ku buryo bworohereza gupakurura amafi;
- Ifite icyumba gikatirwamo amafi, icyo gucururizamo n'icy'urwambariro kandi byisanzuye;
- Idatuwemo;
- Ifite isuku ihagije kuva hasi kugeza ku gisenge;
- Irimo umwuka uhagije;
- Imbere ku nkuta hasize irangi ry'amavuta ndetse hagashyirwaho metero 1.6 z'amakaro kuva hasi uzungurutse inkuta zose imbere. Hasi hagomba gukoterwa na sima inyerera;
- Ifite inzitira -sazi ku madirishya yose;
- Ifite nibura ikigega cya litiro 200 z'amazi kandi hakaba ashyushye n'akonje;
- Ifite ubwiherero nibura bubiri, bumwe bw'abagabo, ubw'abagore n'ubw'abafite ubumuga.
- Ifite imiyoboro y'amazi yanduye n'ay'imvura.



Ingingo ya 79: Agomba kuba afite :

- Icyuma gikonjesha (Congélateur, Chambre froide,...) n'imashini itanga umuriro (Generator) ;
- Ameza ariho urubaho rwabugenewe rwo gutunganyirizaho inyama rufite umubyimba wa cm 10 cyangwa ameza azengurutswe n'amakaro;
- Igikoresho gikoze muri plasitiki cyangwa icyuma gipfungikirwa cyo gushyiramo ibisigazwa ;
- Imipanga n'ibindi byuma bisa neza kandi nta mugese bifite ;
- Akuma gafata amasazi n'utundi dusimba.

Ingingo ya 80: Abakozi bagomba

Abakozi bagomba gupimwa na muganga indwara zandura mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane nibura, akemeza ko bakwiye gukora uwo murimo. Bambaye imyenda yabugenewe (Ingofero, itaburiya, na bote by'umweru) kandi bafite isuku y'umubiri n'iyi myenda ihagije.

Ingingo ya 81: Amafi agomba gutwarwa

Amafi agomba gutwarwa mu modoka zabugenewe zikonjesha. Agomba kandi kuba ari mu cyuma gikonjesha buri gihe, kandi igihe umuriro udahari hakitabazwa imashini itanga umuriro (Generator). Agomba kandi gupimwa na Veterineri mbere yo gucuruzwa.

Ingingo ya 82 : Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira amafi.

Inyamaswa nk'injangwe n'imbwa ntibyemerewe kujya aho bagurira amafi.

Interuro ya 21: Amabwiriza y'isuku agenga ibarizo

Ingingo ya 83: Kugira ngo umuntu yemererwe gukora ibarizo

Kugira ngo umuntu yemererwe gukora ibarizo agomba kugira icyemezo cyatanzwe na Minisiteri ifite inganda mu nshingano zayo.

Ingingo ya 84: Inzu ibarizwamo

Inzu ibarizwamo igomba kuba:

- Yitaruye amazu atuwe, nibura metero 100



- Ifite ubwiherero n'imiyooboro y'amazi yanduye n'ay'imvura;
- Ifite amazi ahagije nibura ikigega cya litiro 100
- Ifite igitebo cyo gushyiramwo imyanda n'ahagenewe gushyira ibarizo

Ingingo ya 85: Abakozi bagomba kugira imyambaro ibaranga

Abakozi bagomba kugira imyambaro ibaranga, ibikoresho byo kubarinda, bagapimwa na muganga nibura rimwe mu mezi atandatu.

Interuro ya 22 : Amabwiriza y'isuku mu mashuri

- a) Isuku mu kigo cy'amashuri

Ingingo ya 86: Ikigo cy'ishuri kigomba kugira ikimoteri

Ikigo cy'ishuri kigomba kugira ikimoteri cyangwa ahandi hashyirwa imyanda kandi kizitiye neza.

Ingingo ya 87: Ahateganyijwe inzira

Ahateganyijwe inzira cyangwa ibibuga hagomba guterwa akanyatsi kandi hagahora hasukurwa.

Imbere y'amashuri hakorwa uturima tw'imboga ndetse n' ibiti by' imbuto kandi bikitabwaho igihe bishoboka.

Ingingo ya 88: Buri kigo cy'ishuri

Buri kigo cy'ishuri kigomba kugena igihe cyo gukora isuku mu kigo cyane cyane mu byumba by'amashuri no mu bwihereho.

- b) Isuku mu bwihereho bw'Amashuri

Ingingo 89: Ikigo cy'ishuri kigomba

Ikigo cy'ishuri kigomba kugira ubwiherero buhagije hagatandukanywa ubw'abahungu n'abakobwa bugahora burangwa n'isuku.



Ingingo ya 90 : Ubwiherero bugomba

Ubwiherero bugomba kuba bupfundikirwa kandi hakaba hari agatebo kagenewe gushyirwamo imyanda (Pubelle).

Ingingo ya 91 : Abanyeshuri

Abanyeshuri bagomba gukaraba intoki bavuye mu bwiherero kandi ikigo kigahorana amazi ahagije n'isabune bigenewe icyo gikorwa.

Ingingo ya 92 : Isuku mu buriro no mu gikoni

Uburiro n'igikoni bigomba kuba birangwa n'isuku ; ameza ahanaguye, hari intebe abana bicaraho igihe bafungura kandi ibyo byumba bikoteye na sima ku buryo bihanagurwa.

Ikigo cy'ishuri kigomba kurangwa n'isuku isesuye. Aho gufatira ifunguro n'aho gutekera bigomba kuba byitaruye ku buryo bugaragara ahari bwiherero.

Ingingo ya 93 : Ibikoresho byo kumeza

Ibikoresho byo kumeza bigomba gusukurwa hifashishijwe amazi meza n'isabune bigahanagurwa n'igitambaro gifite isuku kandi bikabikwa ahabugenewe hari isuku.



Ingingo ya 94: Inkono

Inkono zigomba kozwa, amazi yanduye akoherezwa mu muyoboro wabugenewe upfundikiye uyohereza mu cyobo cyabugenewe gipfundikiye.

Igikoni kigomba gusukurwa gatatu k'umunsi, ibikoresho byo mu gikoni bikamanikwa ahabugenewe.

d) Isuku mu macumbi y'abanyeshuri

Ingingo 95: Amazu acumbikiye abanyeshuri

Amazu acumbikiye abanyeshuri agomba kuba afite ibi bikurikira :

a)Kuba igenewe kwakira abana b'igitsina kimwe

b)Amazi n'amashanyarazi

c)Uburyo bwo kubika amazi yakoreshwa mu gihe ayandi yabuze (Ibigega) ;

d)Uburyamo buboneye bugenerwa buri munyeshuri (umunyeshuri igitanda cye) ;

e)Igikoni gitunganye kandi kirimo ibikoresho bihagije n'ububiko bwabyo ;

f)Aho kurira haboneye kandi hajyanye n'umubare w'abanyeshuri bakiriwe

g)Aho abanyeshuri bamesera imyenda yabo n'aho bayanika

h)Aho kwiyuhagirira no kogera haboneye kandi hahagije

i)Ubwiherero buhagije bwubatse neza kandi burangwa n'isuku.

Interuro ya 23 : Amabwiriza y'isuku agenga aho bategera imodoka

Ingingo ya 96: Aho imodoka zihagarara

Aho imodoka zihagarara hagomba kuba hakoteye na « béton », hari n'ibitebo byo kumenamo imyanda.



Ingingo ya 97: Nta bucuruzi bwemewe

Nta bucuruzi bwemewe gukorerwa aho abagenzi bategera imodoka keretse munzu y' ubucuruzi yabugenewe.

Ingingo ya 98: aho imodoka zihagarara hagomba kuba hari ubwiherero buhagije

Hagomba kuba hari amazi n'ubwiherero bihagije. Amazi yanduye agomba koherezwa mu byobo byabugenewe kandi bitwikiriye. Amazi y'imvura nayo agomba koherezwa mu miyoboro yabugenewe.

Interuro ya 24: Amabwiriza y'isuku muri gereza

Ingingo ya 99: Icyumba abagororwa bararamo

Icyumba abagororwa bararamo, ibiryamirwa ndetse n'imyambaro bigomba kurangwa n'isuku

Ingingo ya 100: Gereza

Gereza igomba kugira ubwiherero buhagije kandi burangwa n'isuku bwubatswe mu metero 50 z'aho abagororwa barara. Abagabo n'abagore n'abafite ubumuga bagomba kugira ubwiherero butandukanye.



Ingingo ya 101: Gereza igomba

Gereza igomba kugira amazi ahagije. Amazi yanduye agomba koherezwa mu byobo byabugenewe kandi bitwikiriye. Amazi y'imvura nayo agomba koherezwa mu miyoboro yabugenewe, bishobotse akaba yakorehwa imirimo inyuranye.

Imyanda iyo ariyo yose cyane cyane iva mu misarane igomba gutunganyirizwa mu mbibi za Gereza.

Ingingo ya 102: Aho gutekera

Aho gutekera n'ibikoresho byo guteka, kwaruriramo no kunyweramo bigomba kurangwa n'isuku.

Interuro ya 25: Amabwiriza y'isuku mu mihanda

Ingingo ya 103: Birabujijwe kumena imyanda

Birabujijwe kumena imyanda mu mihanda no mu miyoboro y'amazi (Canalisation).

Ingingo ya 104: Mu gihe hagaragaye itungo cyangwa inyamaswa byapfiriye mu mihanda,

Mu gihe hagaragaye itungo cyangwa inyamaswa byapfiriye mu mihanda, bimenyeshwa ubuyobozi bw'umudugudu/Akagari kugirango bayikureho ku buryo bwihutirwa.

Ingingo ya 105: Birabujijwe kumena ibikoresho by'ubwubatsi

Birabujijwe kumena ibikoresho by'ubwubatsi (amabuye, umucanga,..) mu mihanda no mu miyoboro y'amazi.

Ingingo ya 106: Abanyamaguru bagomba kunyura

Abanyamaguru bagomba kunyura ahabugenewe birinda guca mu busitani bukikije cyangwa bugabanya umuhanda mo kabiri.

Nta muntu n'umwe wemererewe guta imyanda muri ubwo busitani.

Ingingo ya 107: Birabujijwe gucira mu mihanda no kwituma cyangwa kwihagarika ahatarabugenewe.

Birabujijwe gucira mu mihanda no kwituma cyangwa kwihagarika ahatarabugenewe.



Ingingo ya 108: Buri muturage agomba gukuraho ibihuru no kwita ku busitani buri hagati y'igipangu, Umurima we n'umuhanda

Buri muturage agomba gukuraho ibihuru no kwita ku busitani buri hagati y'igipangu, Umurima we n'umuhanda

Interuro ya 26: Isuku mu bibanza bitubatse n'amazu ataruzura

Ingingo y'i 109: Bitanyuranyije n'amasezerano

Bitanyuranyije n'amasezerano y'ubukode bw'ikibanza, nyir'ikibanza agomba kwita kuri ibi bikurikira:

-Kwita ku isuku yacyo no mu mpande zacyo zose

-Kudahingamo imyaka

-Gutera akanyatsi ku buryo itaka ry'ikibanza ritagwa mu miyoboro y'amazi no mu mihanda

Interuro ya 27: Amabwiriza agenga ibisigara bya Leta

Ingingo y'i 110: Inshingano z' Umurenge

Ubuyobozi bw'Umurenge bugomba kwita buri gihe ku isuku y'ahantu hari igisigara cya Leta cyangwa ahandi hose hari ubutaka bwa Leta.

Icyo gikorwa gishyirwa muri gahunda zihoraho z'umuganda

Interuro ya 27: Amabwiriza y'Isuku ku mubiri

Ingingo y'i 111: Inshingano z' Umuturage

Buri muturage w'Akarere ka Burera agomba kurangwa n'isuku haba ku mubiri cyangwa ku myambaro.

Ingingo y'i 112: Birabujijwe ku muntu uwo ariwe wese kugendesha ibirenge, agomba kwambara inkweto.

Birabujijwe ku muntu uwo ariwe wese kugendesha ibirenge, agomba kwambara inkweto.

Ingingo y'i 113: Utazubahiriza amabwiriza yavuzwe haruguru azahanwa n' Urwego rubifitiye ububasha ahanishwe ibihano biteganywa muri aya mabwiriza



agenga isuku mu karere ka Burera kandi ibikorwa bye bifungwe kugeza igihe akosoreye amakosa yahaniwe :

Utazubahiriza amabwiriza yavuzwe haruguru azahanwa n' Urwego rubifitiye ububasha ahanishwe ibihano biteganywa muri aya mabwiriza agenga isuku mu karere ka Burera kandi ibikorwa bye bifungwe kugeza igihe akosoreye amakosa yahaniwe :

AMANDE ACIBWA ABATUBAHIRIJE AMABWIRIZA

I.ISUKU YA RESITORA

AMAKOSA:	IHAZABU CYANGWA IGIHANO
Kutagira icyemezo cy'Umurenge	10,000
Kutagira icyapa cya resitora	10,000
Gukorera mu nyubako ituwemo	10,000
Gukorera ahantu hari umunuko	10,000
Kutagira Inkuta zisize irangi ry'umweru ry'amavuta	5,000
Kutagira hasi hakotewe byibura na sima	5,000
Kutagira intebe n'ameza bisukuye kandi bitangiritse	5,000
Kutagira ibikoresho bindi (amasahani, ibikombe, n'ibindi) bifite isuku muri rusange	5,000
Kutagira ikigega cy'amazi y'imvura	5,000
Kutagira imireko ijyana amazi y'imvura mu kigega cg ahabugenewe	5,000
Kutagira a amakaro 1.6m kuva hasi mu gikoni	10,000
Kutagira Umuyoboro usohora umwotsi	10,000
Kugira ibiryo bigaburwa cg ibihunitse byangiritse Aha twavuga ibicuruzwa byarangiritse	10,000
Kutagira Indobo y'imyanda	5,000

Kutagira Ubwiherero bupfundikiye	5,000
Kutagira Ubwiherero; Hatandukanwa Gabo na Gore n'ubw'abafite ubumuga ku bakiliya n'abakozi	5,000
Kutagira Urunyariro rw'abagabo	5,000
kuba nta rupapuro rw'isuku ruri mu bwiherero	2,000
Kuba nta lavabo ifite amazi n'isabune hafi y'ubwiherero/ Kandagirukarabe	5,000
Kuba ntaho bamesera bakanika hahari hahagije	5,000
Kutagira Udutebo tw'imyanda twa plasitiki dupfundikirwa	5,000
Kutagira Imiyoboro y'amazi mabi yakoreshejwe	5,000
Kutagira Imbuga itewe akanyatsi	5,000
Kutagira Imiti y'ibanze yo gukoresha mu isuku	10,000
Kutagira Kizimya mwoto	10,000
Kutagira Umwenda w'akazi wuzuye (itaburiya, ingofero, by'umweru) n'inkweto zabugenewe	10,000
Kutagira icyemezo cya muganga cy'indwara zandura (ibuheri, inzoka, igituntu...) cy'amezi 3 ku bakozi	10,000
Kutagira isuku ku bakozi (Bogosha umusatsi, bakata inzara, ntibazisiya, barakaraba).	5,000

ISUKU Y'UMUBIRI

IKOSA	IHAZABU CYANGWA
	IGIHANO
• Umuntu ufite umwanda ku mibiri (imyenda idafite isuku)	1.000 FRW.
• Umuntu udafite inkweto	1.000 FRW
• Umuntu utogosha ubwanwa	1.000 FRW
• Umuntu wituma cyangwa Unyara ku gasozi	5,000frws

III. GUCUNGA IMYANDA NEZA

IKOSA	IHAZABU CYANGWA
	IGIHANO
• Umuntu umena ibishingwe ahabugenewe	10.000 FRW.
• Imodoka imena imyanda ahabugenewe	10.000 FRW
• Amazi yakoreshejwe mu ngo yayobowe mu muhanda cyangwa miyoboro y'amazi y'imvura	10.000 FRW
• Imyanda yo mu misarane imenwa ahabugenewe.	10.000 frws

IV. GUTWARA IMYANDA MU BURYO BWO KWITA KU BIDUKIKIJE

Imodoka itwaye imyanda idapfundikiye cyangwa Imodoka igenda imena imyanda mu muhanda.	10.000 FRW
Kwanduza imihanda bitewe no kuyishyiraho ibikoresho byo kubaka	10.000 FRW
Gucira mu muhanda	1.500 FRW
Kudatema ibihuru bikikije urugo	10.000 FRW

V. GUCURUZA IBIRIBWA

	IKOSA	IHAZABU (FRW)
1.	Gucururiza ibyo kurya cyangwa ibinyobwa hasi	10.000
2.	Kudatandukanya ubucuruzi bw'inyama n'amafi n'ibindi bicuruzwa	10.000
3.	Kutagira imodoka yabugenewe itwara inyama n'amafi	10.000
4.	Gucuruza ibintu bikurura isazi mu isoko	10.000
5.	Gucururiza amata mu isoko	10.000
6.	Kutita ku isuku y'aho umuntu akorera	10.000
7.	Kuzana amatungo mu isoko (uretse inkoko)	10.000

VI. ISUKU Y'AMAZU AKORERWAMO UBUCURUZI

No	IKOSA	IHAZABU (FRW)
1.	Kutagira icyangombwa cy'umurimo ukora	10.000
2.	Gushyira imashini mu inzu itagira ubuhumekero	10.000
3.	Kubika hasi imyaka yo gusya	10.000
4.	Kutagira ubwiherero	10.000
5.	Kutagira aho kwiyuhagirira n'aho gukarabira	10.000
6.	Kutagira amazi ahagije	10.000

7.	Kutagira imiyoboro n'icyobo cy'amazi mabi	10.000
8.	Kutagira uniforms na masque by'abakozi	10.000
9.	Kutagira aho guhindurira imyenda	5.000
10	Gukoresha abakozi badapimwe na muganga	10.000

VII. ISUKU YA GARAJI

No	IKOSA	IHAZABU (FRW)
1.	Kubaka garaji ahatemewe n'amategeko	10.000
2.	Kutagira amazi	10.000
3.	Kutagira Ubwiherero	10.000
4.	Kutagira agasanduku k'imiti y'ibanze	10.000
5.	Kutagira imiyoboro n'icyobo cy'amazi mabi akoreshwa muri garaji	10.000
6.	Kutagira uniforms z'abakozi	5.000
7.	Kutagira ibikoresho birinda umubiri nka masques, lunettes, gants ...	10.000
8.	Kutagira ibikoresho bizimya umuriro	10.000

VIII.ISUKU YA SALON DE COIFFURE

IKOSA		IHAZABU (FRW)
1.	Kutagira akabati ko kubikamo ibikoresho	10.000
2.	Kutagira igitebo cyo kumenamo umwanda w'umusatsi	10.000
3.	Kutagira umusarane	10.000
4.	Kutagira icyobo cyo gushyiramo amazi yanduye	10.000
5.	Kutagira ibikoresho bya salon bihagije kandi bifite isuku	10.000
6.	Kutagira „stérilisateur“	10.000
7.	Abakozi batapimwe na muganga nibura rimwe mu gihembwe	10.000
8.	Kutagira uburenganzira bwo gukora umurimo wo kwogoshya	10.000

IX. ISUKU Y' IKUSANYIRIZO RY'AMATA

No	IKOSA	IHAZABU (FRW)
1.	Kutagira uburenganzira bwo gutunganya amata	10.000
2.	Kutagira imashini iteka amata	10.000
3.	Gucuruza amata yononekaye	10.000
4	Kutagira icyuma gikonjesha cyo gutekera amata mu cyumba Cyabugenewe	10.000

5.	Kutagira «lactometre» yo gupima ko nta bindi byavanzwe n'amata nk'amazi n'ibindi	10.000
6.	Kutagira isuku aho bakorera ndetse n'iy'ibikoresho	10.000
7.	Kudashyira amazi yakoreshejwe mu cyobo cyabugenewe	10.000
8.	Abakozi batapimwe na muganga	10.000

X. ISUKU YAHU BACURURIZA AMATA

No	IKOSA	IHAZABU (FRW)
1.	Kutagira uburenganzira bw'Umurenge bwo gukora ako kazi	10.000
2.	Kutagira inzu ikoteye na sima cyangwa ifite ubuhumekero	10.000
3.	Kutagira icyuma gikonjesha cyo guterekamo amata yo kubikamo amata	10.000
4.	Gucuruza amata yononekaye	10.000
5.	Kutagira amazi ahagije cyangwa igitebo cyo kumenamo imyanda	5.000
6.	Kutagira isuku y'ibikoresho, abakozi cyangwa aho bakorera	10.000
7.	Kutagira ubwiherero	10.000
8.	Kutagira imiyoboro y'amazi yanduye n'ay'imvura	10.000
9.	Gukoresha abakozi batapimwe na muganga	10.000

XI. ISUKU Y'INGANDA

No	IKOSA	IHAZABU (FRW)
1.	Kutagira uburenganzira bwa Minisiteri ifite inganda mu nshingano ze	10.000
2.	Gukorera hagati mu mazu atuwemo	10.000
3.	Kutagira ubwiherero cyangwa imiyoboro y'amazi y'imvura	10.000
4.	Kutagira igitebo cy'imyanda kutagira aho kurunda imyanda y'ibarizo	5.000
5.	Abakozi batapimwe na muganga	10.000
6.	Kudaha abakozi amata	10.000
7.	Kutagira ibikoresho birinda abakozi	10.000

XII: ISUKU Y'IBAGIRO

No	IKOSA	IHAZABU (FRW)
1.	Kubaka Ibagiro ahatemewe n'amategeko	10.000
2.	Kutagira amazi	10.000
3.	Kutagira Ubwiherero	10.000

4.	Kutagira agasandugu k'imiti y'ibanze	10.000
5.	Kutagira Imiyoboro n'icyobo cy'amazi mabi akoreshwa muri garaji	10.000
6.	Kutagira Uniforms z' abakozi	5.000
7.	Kutagira ibikoresho birinda umubiri nka Masques, Lunettes, Gants	10.000
8.	Kutagira Ibikoresho bizimya umuriro	10.000

Aya mabwiriza aratangira gukurikizwa nyuma y'uko yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera.

Bikorewe I Burera ku wa 22/10/2023

MUSABYIMANA Emmanuel

Umwanditsi w'Inama



NYIRAMANA CHRISTINE

Umuyobozi w'Inama.




REPUBURIKA Y'U RWANDA
INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA BURERA
INAMA NYANAMA Y'AKARERE

AMABWIRIZA Y' INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA NO ...03...YO KUWA 22/02/2023 AGAMIJE
GUKUMIRA NO GUHANA ABARENGA KU BYEMezo BY' UBUYOBOZI MU KARERE KA BURERA

Inama Njyanama y' Akarere ka BURERA;

Ishingiye, Ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015 mu ngingo ya 6: Kwegereza ubuyobozi Abaturage Ubutegetsu bwa Leta bwegerezwa abaturage mu nzego z' ibanze hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. Itegeko rigena imitunganyirize n' imikorere by' inzego z' imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Ishingiye ku itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z' imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane ingingo ya 39 igena ububasha bw' Inama Njyanama, ingingo ya 123 igena inshingano z' Akarere n'ingingo ya 125 rigena inshingano z' Inama Njyanama y'Akarere;

Ishingiye kuri Politiki y'Igihugu y'Umutekano;

Igarutse ku byemezo by'Inama Njyanama y'Akarere ka BURERA yo kuwa 29/06/2021 yemeje ibipimo ngenderwaho by'imisoro n'amahoro mu Karere ka BURERA mu mwaka wa 2022-2023;

Nyuma yo kubona ko hari ikibazo cy'umubare munini w' abaturage bakomeje kurenga ku mabwiriza, ibyemezo n' inama bahabwa n' Ubuyobozi bw' inzego zigize Akarere ka BURERA bigatuma ibyaha, amakosa bikomeza kwiyongera ku kigero cyo hejuru.

Imaze kubona ko ari ngombwa kwimakaza umuco w' ubupfura no kubaha inzego z' ubuyobozi ziyoboye Akarere kandi abaturage bakaba nyambere mu gukurikiza amabwiriza, imirongo migari y' imiyoborere y' igihugu, gushyira mu bikorwa ibyemezo bifatwa n' Ubuyobozi bw' Akarere ndetse kwimakaza imibanire ndetse n' ubumwe n' ubudaheranza Bwabanyarwanda batuye Akarere ka Burera

Imaze gusesengura no kwiga kuri icyo kibazo mu nama yayo yo kuwa 22/02/2023;



Ishyizeho amabwiriza agomba gukurikizwa mu Karere ka BURERA akurikira:

Umutwe wa mbere : Ingingo rusange

Ingingo ya 1: icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije muri rusange kunoza uburyo bwo gushishikariza abaturage gushyira mu bikorwa imirongo migari y' imiyoborere igihugu kiyemeje, ibyemezo bifatwa n' ubuyobozi bw' Akarere ndetse no kunoza uburyo bwo guhana abarenga kuri iyo mirongo migari y' imiyoborere y' igihugu ndetse n' ibyemezo bifatwa n' Ubuyobozi bw' Akarere ka BURERA .

Aya mabwiriza agamije kandi by'umwihariko :

1. Gushishikariza abaturage kwimakaza isuku n' isukura;
2. Gushishikariza abaturage kwirinda impanuka za hato na hato;
3. Gushishikariza abaturage kwicungira umutekano;
4. Gushishikariza abaturage kubungabunga ubuziranenge bw' ibikomoka ku matungo;
5. Gukumira ko abaturage bishora mu byaha bya hato na hato;
6. Gushyiraho amahame remezo agamije gutuma abaturage bacika ku bikorwa cyangwa imyitwarire bibangamiye rubanda ;
7. Kubungabunga ubuzima n'umutekano by'abatuye n'abagana Akarere ka BURERA ;
8. Kubungabunga imibereho myiza y'abatuye Akarere ka BURERA n'abakagana bose hazirikanwa ingaruka z'ibikorwa n'imyitwarire ibangamira abaturage;
9. Kugabanya ingano y' umubare munini w' abagororerwa mu kigo cy'Akarere kigororerwamo by'igihe gito no kugabanya ingengo y'imari ibagendaho mu kubagorora.
10. Gushishikariza abaturage kubahiriza igihe cyagenwe cy' ubwikorezi bw' amatungo kuva saa kumi n' ebyiri za mugitondo kugeza saa kumi nebyiri za nimugoroba (06:00-18:00).



Umutwe wa kabiri: Ibihano

Bitabangamiye andi mategeko, amabwiriza n'ibyemezo bigena ibihano ukundi, Uwo ari we wese ukoze ibikorwa cyangwa ugize imyitwarire ibangamira abaturage ituma ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw' ubutegetsi ahanwa mu buryo bukurikira:

Ingingo ya 2: Ibihano bihabwa abatwara abantu n' imizigo ku igare ahabujijwe cyangwa igare ritujuje ibisabwa.

No	Ubwoko bw' Ikosa	Igihano (Amande)
1	Gutwara abantu n' imizigo ku igare uririho ,ahagenewe kugenda riri gusunikwa mu karere .	5,000 frw
2	Gutwara igare ritujuje ibisabwa, itara ,plaque, inzongera, nibindi	5,000 frw
3	Kurenga aho yemerewe gukorera	5,000 frw
4	Umunyonzi uhagarara ahatemewe	5,000 frw
6	Umunyonzi ufata kubinyabiziga (Guparamira)	10,000 frw
7	Umunyonzi utwara igare atambaye Jule	3000frw
8	Gutwara igare mu masaha atemewe saa kumi n' ebyeri za nimugoroba kugeza saa kumi n' ebyiri za mugitondo	5,000 frw



Ingingo ya 3: Ibihano bihabwa abakora ubucuruzi bw' ubuzunguzayi ndetse n' ibindi bikorwa by' ubucuruzi bitemewe mu ma centre manini no mu mirenge igize Akarere ka BURERA:

No	Ubwoko bw'ikosa	Igihano (Amande)
1	Abazunguzayi bacuruza imyenda cg inkweto	20,000 frw
2	Abazunguzayi bacuruza ibiribwa	10,000 frw
3	Ubuzunguzayi bucuruza bukoresha imodoka	200,000 frw
4	Gucuruza imikino y' amahirwe nta ruhushya	100,000 frw
5	Gucuruza inyama zidapimye	100,000 frw
6	Gufatanwa ibicuruzwa byarengeje igihe mu iduka	50,000 frw
7	Gufungura ikaragiyo nta ruhushya	300,000 frw
8	Guhagarikisha ubucuruzi ugakomeza gukora	20,000 frw
9	Guhagarikirwa ubucuruziukora	20,000 frw
10	Utubari dukora mu masaha atemewe(anyuranyijwe nayemejwe n'inama nnyanama)	20,000frw
11	Kwamamaza nta burenganzira	50,000 frw
12	Kwibisha umunzani cyangwa ibindi bipimo bikoreshwa	50,000 frw
13	Gutwara ikivuguto mu ma jerekani adafite etikete	100,000 frw
14	Abacuruzi bapfunyikira abakiriya mumashashi	10,000frw

Ingingo ya 4: Ibihano bihabwa abakora ubwikorezi bw' amatungo n' ibikomoka ku matungo mu karere ka BURERA

No	Ubwoko bw' Ikosa	Igihano(Amande)
1	Gushorera cyangwa gutwara amatungo mu masaha atemewe (amasaha yemewe ni saa kumi n' ebyiri za mugitondo kugeza saa kumi n' ebyiri z' umugoroba (06:00-18:00)	20,000frw(kunka imwe)
2	Umuntu ufatwa akora ubwikorezi bw' amata cyangwa inyama bwambukiranya Akarere nta ruhushya rutangwa na RICA	500,000frw
3		

4	Umuntu wicisha inka inzara cyangwa uyishyira mucyondo	10,000frw (kunka)
5	Gutwara amatungo kuburyo butemewe	kandi buruko asuwe 10,000frw(kuri buri tungo)
6	Ubwikorezi bw' amata nta cyemezo cyaho amata avuye	100,000frw
7	Amakaragiyo atubahiriza gahunda ya zoning	100,000 frw
8	Ubwikorezi bw' ibikomoka ku matungo buvanga amata, amatungo, ibiribwa cyangwa inyama	500,000 frw
9	Imodoka zitwara abantu zikavangamo ibicuba cyangwa amajerekani y' amata	100,000 frw
10	Kuzerereza amatungo hanze y' ikiraro cyangwa ifamu	10,000frw kuri buri nka 5,000frw ku matungo magufi 5,000 frw/Amatungo magufi(kuri buritungo rigufi)

Ingingo ya 5: Ibihano bihabwa abakora ibikorwa bigamije kwangiza ibikorwa by' iterambere ry' Akarere ka BURERA :

No	Ubwoko bw' Ikosa	Igihano(Amande)
1	Kwiba imifuniko y' ibigega by' amazi no kwangiza inyubako zitandukanye	50,000frw
2	Gutema amatiyo y' amazi	30,000frw
3	Kwiba mubazi y' amazi (1)	50,000frw
4	Kwiba robonet (1)	30,000frw
5	Kugura ibihabwa abatishoboye	
6	Kugura ibintu byose biba byafashishijwe abatishoboye	-Uwabiguze azabyakwa bisubire mu maboko ya leta,hanyuma

Chus

		uwagurishije agarure amafaranga yahawe
7	Kwangiza ibiti byatewe ku muhanda	5,000frw (igiti kimwe)
8	Guhinga imbibe z' imihanda	50,000 frw
9	Kwangiza poubelle rusange	20,000 frw
10	Kwangiza cyangwa Kwiba Ibyapa byo ku muhanda n' ibindi	100,000 frw
11	Ibindi bikorwa byangiza ibikorwaremezo	50,000 frw
12	Gushinga/kumanika icyapa icyaricyo cyose cyangwa gusiga amarangi inzu bigamije kwamamaza nta ruhushya	50,000 frw

N.B:Uwangije ibikorwa byiterambere agomba gutanga amande kandi agasubizaho ibyo yangirije.

Ingingo ya 6: ibihano byo mu rwego rw' Ubutegetsi bihabwa abakora ibikorwa cyangwa bafite imyitwarire ibangamiye abaturage mu karere ka BURERA.

No	Ubwoko bw' Ikosa	Igihano (Amande)
1	Gushora Umwana mu bikorwa bya magendu/ forode / smuggling	100,000frw
2	Gukora , gucuruza no gukwirakwiza ibinyobwa bitemewe cyangwa inzoga z'inkorano	50,000frw
3	Gufatirwa mu bikorwa byo kwambuka umupaka ku buryo bunyuranyije amategeko n' Amabwiriza ariho	10,000frw
4	Gufatirwa mu bikorwa by' ubwomanzi, ubuzererezi, urusimbi n'ibindi bisa nabyo	10,000frw
5	Gufatirwa mu bikorwa by'ubusinzi bubangamira umudendezo w'abaturage	20,000frw
6	Gukoresha abana imirimo ivunanye	100,000 frw(kumwana umwe)




Ingingo 7: Ibihano bihabwa abantu bose bafatwa barenze ku mabwiriza n' amategeko anyuranye mu karere ka BURERA

No	Ubwoko bw'ikosa	Igihano (Amande)
1	Gutwika imyanda yo mu nyubako z' ubucuzi hatubahirijwe amategeko abigenga	50,000frw iyo ari imyanda ifite uburozi akurikiranwa mu nkiko
2	Kujugunya imyanda mu muhanda (amacupa, impapuro z' isuku n' ibindi)	10,000frw
3	Gutwika ishyamba (gushumika)	50,000 frw /25ares
4	Kumena ibishingwe aho bitagenewe	20,000 frw
5	Kutitabira gahunda za leta muri rusange	5,000 frw
6	Kutitabira inama zatumijwe n'abayobozi	5,000 frw
7	Kutitabira umuganda/irondo	5,000 frw (cfr itegeko)
8	Gupfunyika mu mpapuro zanditseho	5,000frw
9	Kutubahiriza isaha wahawe yo gushyingirwa	10,000frw
10	Kogereza ibinyabiziga mu migezi n' ahandi hatemewe	20,000frw
11	Guhinga igishanga gikomye	200,000 uko ufashwe
12	Kwangiza imirwanyasuri	30,000frw
13	Gusarura ishyamba riri muni ya 0,5 ha utagishije inama	80,000frw
14	Gusarura ishyamba rya 0,5-0,75ha nta ruhusa	100,000frw
15	Gusarura ishyamba rya 0,75 ha-1ha nta ruhusa	200,000frw
16	Gusarura ishyamba riri hejuru ya 1 ha-1,5ha nta cyangomba	400,000frw
17	Gusarura ishyamba riri hejuru ya 1,5ha	800,00frw
18	Gusarura ishyamba ntucukuremo imirwanyasuri	50,000 frw
19	Gukoresha inyemezabwishyu y' Amahoro y' ibikomoka ku mashyamba inshuro irenze imwe mu gusaba icyangombwa cyo gusarura cyangwa gutwara ibikomoka ku mashyamba	100,000 frw

Umutwe wa Gatatu: Ingingo zisoza

Ingingo ya 8: Aho ihazabu izishyurwa

Ihazabu yishyurwa kuri konti y' Akarere k' aho ikosa ryakorewe

Ingingo ya 9: Inshingano z'ikurikiranabikorwa

Akarere ka Burera gafatanyije n' izindi nzego bireba (Police) bafite inshingano zo gukora ikurikiranabikorwa, gutanga inama n' umurongo ukwiye wo kunoza imikoreshereze yaya mabwiraza;

Ingingo ya 10: Inshingano z'abatuye n'abagana Akarere ka Burera

Umuntu wese uri mu karere ka Burera afite inshingano zo kubungabunga umutekano yirinda ibikorwa cyangwa imyitwarire ibangamira abaturage.

Ingingo ya 11: Abarebwa n'aya mabwiriza

Kubahiriza aya mabwiriza bireba

Umuturage wese w'Akarere ka Burera

Ugenda cyangwa utanga serivisi iyo ariyo yose mu karere ka Burera

Inzego za Leta, ibigo by'abikorera, imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiyeye ku idini ikorera mu karere ka Burera ,

N'abandi bose .

